**CHAPITRE II: MISSION, ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS**

**Article 10: Mission**

La mission de l'UR est de dispenser une éducation de qualité, mener des recherches et innover en vue de faire progresser les connaissances et relever les défis nationaux, régionaux et mondiaux.

**Article 11: Attributions**

L'UR a les attributions suivantes:

(a) élaborer des programmes académiques devant être approuvés par l'agence en charge de l'enseignement supérieur;

(b) dispenser des cours

| | | |
|---|---|---|
| rw'amashuri makuru zisozwa n'impamyabushobozi cyangwa n'impamyabumenyi yemerewe gutanga; | leading to the award of certificates or degrees that it is authorised to award; | d'enseignement supérieur sanctionnés par les certificats ou par les diplômes qu'il est autorisé à décerner; |
| (c) gukora no guteza imbere ubushakashatsi mu nzego zose z'ubumenyi, ikoranabuhanga no ku bibazo binyuranye byo ku rwego rw'Igihugu, urw'akarere no ku rwego mpuzamahanga; | (c) to carry out and promote research in all scientific and technological disciplines and on different issues at the national, regional and global level; | (c) effectuer et promouvoir des recherches dans tous les domaines de la science et de la technologie et sur différents problèmes aux niveau national, régional et mondial; |
| (d) gutangaza no kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi; | (d) to publish and disseminate research findings; | (d) publier et disséminer les résultats de recherche; |
| (e) gutanga ubumenyi, hakoreshejwe uburyo bw'imbonankubone, iyakure cyangwa byombi no guteza imbere ikoranabuhanga no guhanga udushya hagamijwe guhanga umurimo; | (e) to transmit knowledge and skills through face-to-face learning, distance learning or both and promote technology and innovation for job creation purposes; | (e) transmettre les connaissances et les compétences par l'apprentissage en face-à-face, à distance ou mixte et promouvoir la technologie et l'innovation à des fins de création d'emplois; |
| (f) guteza imbere uburere, umuco n'indangagaciro za kinyarwanda; | (f) to promote Rwandan education, culture and values; | (f) promouvoir l'éducation, la culture et les valeurs rwandaises; |
| (g) kugira uruhare mu gukemura ibibazo birebana n'iterambere ry'Igihugu; | (g) to contribute to solving national development-related problems; | (g) contribuer à résoudre des problèmes liés au développement national; |
| (h) gukorana n'izindi nzego bireba, zaba iza Leta, izigenga cyangwa abantu ku giti cyabo hagamijwe kunoza ireme ry'imyigishirize no gutanga ubumenyi | (h) to collaborate with other relevant organs, both public and private, or individuals to ensure quality education in order to impart | (h) collaborer avec d'autres organes concernés, tant publics que privés, ou des individus en vue d'assurer une éducation de qualité et de fournir des connaissances et des |

| | | |
|---|---|---|
| n'ubumenyingiro bikenewe ku isoko ry'umurimo; | knowledge and skills needed to meet the labour market needs; | compétences nécessaires pour répondre aux besoins du marché du travail; |
| (i) gushyikirana no gukorana n'izindi nzego zo ku rwego rw'Igihugu, urw'akarere no ku rwego mpuzamahanga by'umwihariko ibigo bifite mu nshingano kwigisha, guhanga udushya n'ubushakashatsi. | (i) to cooperate and collaborate with other national, regional and international institutions, in particular those with education, innovation and research mandate. | (i) coopérer et collaborer avec d'autres institutions nationales, régionales et internationales, en particulier celles ayant un mandat d'éducation, d'innovation et de recherche. |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Ububasha** | **<u>Article 12</u>: Powers** | **<u>Article 12</u>: Pouvoirs** |
| UR ifite ububasha bukurikira: | The UR has the following powers: | L'UR a les pouvoirs suivants : |
| (a) gutanga impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi kuri buri rwego n'icyiciro by'inyigisho itanga; | (a) to award degrees or certificates at all levels and cycles of education it offers; | (a) délivrer des diplômes ou des certificats à tous les niveaux et cycles d'enseignement qu'elle dispense; |
| (b) gutanga impamyabushobozi ku bantu basoza inyigisho z'igihe gito; | (b) to award certificates of merit to people who complete short-term courses; | (b) décerner des certificats de mérite sanctionnant les formations de courte durée; |
| (c) gushyiraho ibigenderwaho mu kwakira abanyeshuri; | (c) to set out the admission criteria for students; | (c) fixer les critères d'admission des étudiants; |
| (d) kugirana amasezerano y'ubufatanye n'ubutwererane n'inzego za Leta, izigenga cyangwa abantu ku giti cyabo haba ku rwego rw'Igihugu, urw'akarere no ku rwego mpuzamahanga | (d) to enter into partnerships and cooperation agreements with organs, both public and private, or individuals at the national, regional and international levels to promote education, research and community | (d) conclure des accords de partenariat et de coopération avec les organes, tant publics que privés, ou les individus aux niveaux national, régional et international en vue de promouvoir l'éducation, la |

| | | |
|---|---|---|
| hagamijwe guteza imbere uburezi, ubushakashatsi n'indi mirimo ifitiye abaturage akamaro; | services; | recherche et les services à la communauté; |
| (e) gutanga amashimwe n'ibihembo ku bikorwa ntangarugero; | (e) to award merit titles and awards in recognition of outstanding achievements; | (e) décerner des titres de mérite et des prix en reconnaissance de réalisations exceptionnelles; |
| (f) gutanga impamyabumenyi z'icyubahiro no gushyira mu rwego rw'icyubahiro; | (f) to award honorary degrees and honorary academic ranks; | (f) décerner des diplômes et des grades honorifiques; |
| (g) kuzamura mu ntera abarimu, abashakashatsi, abakozi bunganira mu myigishirize no mu bushakashatsi n'abakozi bo mu buyobozi hakurikijwe amategeko abigenga; | (g) to promote academic staff, research staff, academic and research support staff and administrative staff in accordance with relevant legislation; | (g) promouvoir le personnel académique, le personnel de recherche, le personnel d'appui académique et à la recherche et le personnel administratif conformément à la législation en la matière; |
| (h) gushyiraho amabwiriza yihariye agena uburyo bwo gutanga amasoko ya UR afite imiterere yihariye, yerekeye imyigire, imyigishirize n'ubushakashatsi; | (h) to establish special regulations determining modalities of UR special procurement related to learning, teaching and research; | (h) établir des règlements particuliers déterminant les modalités de passation des marchés spéciaux de l'UR relatifs à l'apprentissage, à l'enseignement et à la recherche; |
| (i) gukoresha ubumenyi n'ubunararibonye by'abakozi ba UR cyangwa b'irindi shuri rikuru rya Leta mu mirimo na serivisi bya UR no kugena ibibagenerwa; | (i) to use the knowledge and expertise of staff of the UR or of another public institution of higher learning in UR works and services and determine their remuneration; | (i) utiliser les connaissances et l'expertise des membres du personnel de l'UR ou d'un autre établissement public d'enseignement supérieur dans les travaux et services de l'UR et fixer leur rémunération; |

| | | |
|---|---|---|
| (j) gushyiraho sosiyete z'ubucuruzi no gushyiramo ishoramari rikenewe kugira ngo zitange umusaruro, bimaze kuganirwaho no kwemezwa n'inzego zibifitiye ububasha; | (j) to establish companies and avail needed investment for their successful operations after consultation with and approval by competent organs; | (j) créer des sociétés commerciales et prévoir l'investissement nécessaire à la réussite de leurs opérations après consultation et approbation des organes compétents; |
| (k) gukoresha sosiyete y'ubucuruzi ishamikiye kuri UR cyangwa ku rindi shuri rikuru rya Leta mu mirimo na serivisi bya UR ifitemo ubumenyi n'ubuzobere; | (k) to use a company affiliated to the UR or to another public institution of higher learning in the UR works and services falling in the field of its competencies and expertise; | (k) faire appel à une société commerciale affiliée à l'UR ou à un autre établissement public d'enseignement supérieur dans les travaux et services de l'UR relevant de son champ de compétences et d'expertise; |
| (l) gukora imirimo ibyara inyungu; | (l) to carry out income-generating activities; | (l) mener des activités génératrices de revenus; |
| (m) gushyiraho inzego zihariye za tekinike zishinzwe gucunga ibikorwa n'imishinga bya UR; | (m) to establish specialized technical units for the management of activities and projects of the UR; | (m) mettre en place des unités techniques spécialisés pour la gestion des activités et des projets de l'UR; |
| (n) gushyiraho no gushyigikira ibikorwa bitandukanye bigamije guteza imbere imibereho myiza y'abakozi n'abanyeshuri ba UR, harimo ubwishingizi bwo kwivuza buhuriweho n'abakozi n'abanyeshuri ba UR; | (n) to establish and support various schemes and initiatives meant to enhance the welfare of UR staff and students, including medical insurance scheme common to UR staff and students; | (n) établir et soutenir différents régimes et initiatives visant l'amélioration du bien-être du personnel et des étudiants de l'UR, y compris le régime d'assurance-maladie commun au personnel et aux étudiants de l'UR; |
| (o) gushyiraho politiki n'amategeko ngengamikorere bya UR. | (o) to establish policies and Internal Rules and Regulations of the UR. | (o) établir les politiques et le règlement intérieur de l'UR. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA III</u>: IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE** | **<u>CHAPTER III</u>: ORGANISATION AND FUNCTIONING** | **<u>CHAPITRE III</u>: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Inzego z'ubuyobozi** | **<u>Section One</u>: Management organs** | **<u>Section première</u>: Organes de direction** |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Inzego z'ubuyobozi za UR** | **<u>Article 13</u>: Management organs of the UR** | **<u>Article 13</u>: Organes de direction de l'UR** |
| (1) Inzego z'ubuyobozi za UR ni izi zikurikira: | (1) The management organs of the UR are the following: | (1) Les organes de direction de l'UR sont les suivants: |
| (a) Ubuyobozi bw'Icyubahiro; | (a) the Chancellery; | (a) Chancellerie; |
| (b) Inama Nkuru y'Ubuyobozi; | (b) the Board of Governors; | (b) Conseil supérieur de direction; |
| (c) Urwego Nshingwabikorwa; | (c) the Executive Organ; | (c) Organe exécutif; |
| (d) Urwego rushinzwe imyigire n'imyigishirize; | (d) the Academic Senate; | (d) Sénat académique; |
| (e) Komite Nkuru y'Ubuyobozi. | (e) the Senior Management Committee. | (e) Comité supérieur de direction. |
| (2) Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kugena izindi nzego z'ubuyobozi za ngombwa kugira ngo UR ishobore kurangiza neza inshingano zayo rikanagena imiterere, inshingano n'imikorere yazo. | (2) An Order of Prime Minister may determine other management organs necessary for enabling the UR to effectively fulfil its responsibilities and determine their organization, responsibilities and functioning. | (2) Un arrêté du Premier Ministre peut déterminer d'autres organes de direction nécessaires pour permettre à l'UR d'exercer efficacement ses responsabilités et en fixer l'organisation, les responsabilités et le fonctionnement. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Akiciro ka mbere</u>: Ubuyobozi bw'Icyubahiro** | **<u>Subsection One</u>: Chancellery** | **<u>Sous-section première</u>: Chancellerie** |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Ubuyobozi bw'Icyubahiro n'uko bushyirwaho** | **<u>Article 14</u>: Chancellery and its appointment** | **<u>Article 14</u>: Chancellerie et sa nomination** |
| Ubuyobozi bw'Icyubahiro bugizwe n'Umuyobozi w'Icyubahiro ushyirwaho n'Iteka rya Perezida. | The Chancellery consists of a Chancellor appointed by a Presidential Order. | La Chancellerie est constituée d'un Chancelier nommé par arrêté présidentiel. |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Inshingano z'Umuyobozi w'Icyubahiro** | **<u>Article 15</u>: Responsibilities of the Chancellor** | **<u>Article 15</u>: Attributions du Chancelier** |
| Umuyobozi w'Icyubahiro ashinzwe kuyobora imihango yo gutangiza umwaka w'amashuri, gutanga impamyabumenyi, impamyabushobozi n'andi mashimwe. Ashobora kandi kwitabira indi mihango cyangwa inama mu gihe bibaye ngombwa. Icyakora mu mihango yo gutanga impamyabumenyi, impamyabushobozi n'andi mashimwe, iyo Umuyobozi w'Icyubahiro adahari asimburwa na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubuyobozi, ataboneka agasimburwa na Visi Perezida wayo, iyo abo bombi batabonetse, asimburwa n'Umuyobozi Mukuru. | The Chancellor is responsible for presiding over opening ceremonies of the academic year, graduation ceremonies and awarding of other merit titles. He or she may also attend other events or meetings when considered necessary. However, in the Chancellor's absence during graduation ceremonies and the awarding of other merit titles, he or she is replaced by the Chairperson of the Board of Governors, or in the absence of the latter, by its Vice Chairperson, or in the absence of both, by the Vice Chancellor. | Le Chancelier est chargé de diriger les cérémonies d'ouverture de l'année académique, de collation de grades académiques et de décernement d'autres titres de mérite. Il peut également, en cas de besoin, assister à d'autres événements ou aux réunions. Toutefois, en cas d'absence du Chancelier dans les cérémonies de collation de grades et de décernement d'autres titres de mérite, il est remplacé par le Président du Conseil supérieur de direction, ou en l'absence de ce dernier, par son Vice-président, ou en l'absence des deux, par le Vice-chancelier. |
| **<u>Akiciro ka 2</u>: Inama Nkuru y'Ubuyobozi** | **<u>Subsection 2</u>: Board of Governors** | **<u>Sous-section 2</u>: Conseil supérieur de direction** |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Abagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi na manda yabo** | **<u>Article 16</u>: Members of the Board of Governors and their term of office** | **<u>Article 16</u>: Membres du Conseil supérieur de direction et leur mandat** |
| (1) Inama Nkuru y'Ubuyobozi igizwe | (1) The Board of Governors is composed | (1) Le Conseil supérieur de direction est |

| | | |
|---|---|---|
| n'aba bakurikira: | by the following members: | composé des membres suivants: |
| (a) abantu icyenda baturutse hanze ya UR, barimo Perezida na Visi Perezida, abahanga mu myigishirize y'amashuri makuru, mu by'imari n'imicungire by'amashuri makuru, mu by'ubushakashatsi no guhanga udushya, abikorera n'izindi nzego zijyanye n'iterambere ry'Igihugu; | (a) nine members from outside of UR, including a Chairperson and Deputy Chairperson, experts in higher learning education, finance and management of institutions of higher learning, research, innovation, members of the private sector and other sectors relevant to the development of the country; | (a) neuf membres externes à l'UR, dont un Président et un Vice-président, des experts en enseignement supérieur, en finances et en gestion des établissements d'enseignement supérieur, en recherche et en innovation, les membres du secteur privé et d'autres secteurs pertinents pour le développement du pays; |
| (b) Umuyobozi Mukuru wa UR, ari na we mwanditsi wayo; | (b) the Vice Chancellor of the UR, who also serves as rapporteur; | (b) le Vice-chancelier de l'UR, qui fait également office de rapporteur; |
| (c) umuyobozi wa koleji umwe utorwa na bagenzi be; | (c) one Principal of college elected by his or her peers; | (c) un Directeur de collège, élu par ses pairs; |
| (d) umuyobozi w'ishami umwe utorwa na bagenzi be; | (d) one dean of school elected by his or her peers; | (d) un doyen d'école, élu par ses pairs; |
| (e) umuyobozi w'ikigo cy'icyitegererezo cy'ubushakashatsi utorwa na bagenzi be; | (e) one director of a centre of excellence elected by his or her peers; | (e) un directeur de centre d'excellence, élus par ses pairs; |
| (f) umwarimu cyangwa umushakashatsi umwe utorwa n'inteko itora igizwe n'umwarimu cyangwa umushakashatsi umwe uturuka muri buri koleji watowe na bagenzi be; | (f) one academic or research staff member elected by an electoral college that is composed of one academic or research staff member from each college, elected by his or her peers; | (f) un membre du personnel académique ou de recherche, élu par un collège électoral composé d'un membre du personnel académique ou de recherche de chaque collège élu par leurs pairs; |

| | | |
|---|---|---|
| (g) umukozi wo mu buyobozi umwe utorwa n'inteko itora igizwe n'umukozi wo mu buyobozi umwe uturuka muri buri koleji watowe na bagenzi be. | (g) one administrative staff member elected by the electoral college that is composed of one administrative staff member of each college elected by his or her peers. | (g) un membre du personnel administratif élu par le collège électoral composé d'un membre du personnel administratif de chaque collège, élu par leurs pairs. |
| (2) Nibura 30% by'abagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore. | (2) At least 30% of members of the Board of Governors must be female. | (2) Au moins 30% des membres du Conseil supérieur de direction doivent être de sexe féminin. |
| (3) Abayobozi Bakuru bungirije bitabira inama y'Inama y'Ubuyobozi ariko ntibatora mu gihe cy'ifatwa ry'ibyemezo. | (3) Deputy Vice Chancellors participate in the meeting of the Board of Governors with no voting rights. | (3) Les Vice-chanceliers adjoints participent à la réunion du Conseil supérieur de direction mais sans voix délibérative. |
| (4) Uretse abagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi kubera imirimo y'ubuyobozi bashinzwe, abandi bagira manda y'imyaka ine ishobora kongerwa inshuro imwe. | (4) Except for ex-officio members of the Board of Governors, other members have a four-year term of office, renewable once. | (4) À l'exception des membres d'office du Conseil supérieur de direction, les autres membres ont un mandat de quatre ans, renouvelable une fois. |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Inshingano z'Inama Nkuru y'Ubuyobozi** | **<u>Article 17</u>: Responsibilities of the Board of Governors** | **<u>Article 17</u>: Attributions du Conseil supérieur de direction** |
| (1) Inama Nkuru y'Ubuyobozi ya UR ifite inshingano zikurikira: | (1) The Board of Governors of the UR has the following responsibilities: | (1) Le Conseil supérieur de direction de l'UR a les attributions suivantes: |
| (a) kugena icyerekezo cya UR; | (a) to determine the vision of the UR; | (a) déterminer la vision de l'UR; |
| (b) kwemeza igenamigambi ry'igihe kirekire na gahunda y'ibikorwa bya buri mwaka; | (b) to approve the strategic plan and the annual action plan; | (b) approuver le plan stratégique et le plan d'action annuel; |
| (c) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'igenamigambi ry'igihe kirekire | (c) to monitor the implementation of the strategic plan and annual action | (c) faire le suivi de la mise en œuvre du plan stratégique et du plan |

| | | |
|---|---|---|
| na gahunda y'ibikorwa bya buri mwaka bya UR; | plan of the UR; | d'action annuel de l'UR; |
| (d) kwemeza politiki n'amategeko ngengamikorere bya UR; | (d) to approve policies and Internal Rules and Regulations of the UR; | (d) approuver les politiques et le règlement intérieur de l'UR; |
| (e) kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya buri mwaka mbere yo kuyishyikiriza inzego zibishinzwe; | (e) to approve the draft annual budget proposal before its submission to competent organs; | (e) approuver l'avant-projet de budget annuel avant de le soumettre aux organes compétents; |
| (f) gukurikirana no gusuzuma imikorere ya UR n'ibigo biyishamikiyeho; | (f) to monitor and assess the performance of the UR and its affiliated entities; | (f) faire le suivi et l'évaluation de la performance de l'UR et des entités affiliées; |
| (g) kwemeza raporo y'ibikorwa na raporo y'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'umwaka urangiye no kuzishyikiriza inzego bireba; | (g) to approve activity and financial reports of the previous year and submit them to the relevant organs; | (g) approuver le rapport d'activités et le rapport financier de l'exercice précédent et les soumettre aux organes concernés; |
| (h) kugena imikorere ya koleji, ishami, agashami n'ikigo kigisha kikanakora ubushakashatsi gishamikiye kuri UR; | (h) to determine the functioning of the college, school and UR-affiliated teaching and research institute; | (h) déterminer le fonctionnement du collège, de l'école et de l'institut d'enseignement et de recherche affilié à l'UR; |
| (i) kwemeza ishyirwaho, izamurwa mu ntera n'iyirukanwa ry'abarimu, abashakashatsi, abakozi bunganira mu myigishirize no mu bushakashatsi n'abakozi bo mu buyobozi; | (i) to approve the appointment, promotion and dismissal of academic staff, research staff, academic and research support staff, and administrative staff; | (i) approuver la nomination, la promotion et la révocation des membres du personnel académique, du personnel de recherche, du personnel d'appui académique et à la recherche et du personnel administratif; |
| (j) kugira uruhare mu gushaka | (j) to participate in mobilizing partners | (j) participer à la mobilisation de |

| | | |
|---|---|---|
| abafatanyabikorwa n'ubushobozi bwo guteza imbere UR; | and resources towards developing the UR; | partenaires et de ressources pour le développement de l'UR; |
| (k) gushyiraho amabwiriza yihariye agena uburyo bwo gutanga amasoko ya UR afite imiterere yihariye, yerekeye imyigire, imyigishirize n'ubushakashatsi; | (k) to establish regulations determining modalities for UR special procurement related to learning, teaching and research; | (k) établir les règlements déterminant les modalités de passation de marchés spéciaux de l'UR liés à l'apprentissage, à l'enseignement et à la recherche; |
| (l) gushyiraho amabwiriza agena uburyo bwo gukoresha ubumenyi n'ubunararibonye by'abakozi ba UR cyangwa ab'irindi shuri rikuru rya Leta mu mirimo na serivisi bya UR no kugena ibibagenerwa; | (l) to establish regulations determining modalities for using the knowledge and expertise of UR staff or of another public institution of higher learning in the UR works and services and determine their remuneration; | (l) établir les règlements déterminant les modalités d'utilisation des connaissances et de l'expertise des membres du personnel de l'UR ou d'un autre établissement public d'enseignement supérieur dans les travaux et services de l'UR et fixer leur rémunération; |
| (m) gushyiraho amabwiriza agena uburyo bwo gukoresha sosiyeti y'ubucuruzi ishamikiye kuri UR cyangwa ku rindi shuri rikuru rya Leta mu mirimo na serivisi bya UR ifitemo ubumenyi n'ubuzobere; | (m) to establish regulations determining modalities for using a company affiliated to the UR or to another public institution of higher learning in UR works and services falling in its field of competencies and expertise; | (m) établir les règlements déterminant les modalités d'utilisation d'une société commerciale affiliée à l'UR ou à un autre établissement public d'enseignement supérieur dans les travaux et services de l'UR relevant de son champ de compétences et d'expertise; |
| (n) kwemeza imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya UR imaze kugisha inama urwego ruyireberera; | (n) to approve the organizational structure of the UR after consultation with its supervising organ; | (n) approuver la structure organisationnelle de l'UR après consultation de son organe de tutelle; |
| (o) gushyiraho komite zo kuyunganira no kuyigira inama mu ishyirwa mu | (o) to establish committees to assist and advise it in carrying out its | (o) constituer des comités devant l'assister et le conseiller dans |

| | | |
|---|---|---|
| bikorwa ry'inshingano zayo igihe bibaye ngombwa. | responsibilities, if necessary. | l'accomplissement de ses attributions, en cas de besoin. |
| (2) Inama Nkuru y'Ubuyobozi ishobora gutanga ububasha ku zindi nzego za UR bwo gukora zimwe mu nshingano zayo. | (2) The Board of Governors may delegate some of its powers to other organs of the UR. | (2) Le Conseil supérieur de direction peut déléguer certains de ses pouvoirs à d'autres organes de l'UR. |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Ububasha bw'Inama Nkuru y'Ubuyobozi** | **<u>Article 18</u>: Powers of the Board of Governors** | **<u>Article 18</u>: Pouvoirs du Conseil supérieur de direction** |
| Inama Nkuru y'Ubuyobozi ifite ububasha bwo gufata ibyemezo ngenderwaho mu byerekeye ubuyobozi n'imiyoborere, abakozi n'imicungire y'imari n'umutungo kugira ngo UR ishobore kugera ku nshingano zayo. | The Board of Governors has the powers to make strategic decisions regarding administration and governance, human resources as well as financial and property management in order for the UR to fulfil its responsibilities. | Le Conseil supérieur de direction a les pouvoirs de prise de décision stratégique concernant l'administration et la gouvernance, les ressources humaines ainsi que la gestion financière et du patrimoine afin que l'UR puisse s'acquitter de ses attributions. |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi** | **<u>Article 19</u>: Incompatibilities with membership of the Board of Governors** | **<u>Article 19</u>: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil supérieur de direction** |
| Abagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane, ntibemerewe gupiganira amasoko atangwa na UR. | Members of the Board of Governors, either individually or through companies of which they are shareholders, are not authorized to bid for tenders of the UR. | Les membres du Conseil supérieur de direction ne sont pas autorisés, soit individuellement, soit par le biais des sociétés dont ils sont actionnaires, à soumissionner aux marchés de l'UR. |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Impamvu zituma ugize Inama Nkuru y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya n'uko asimburwa** | **<u>Article 20</u>: Reasons for loss of membership of the Board of Governors and modalities for replacement** | **<u>Article 20</u>: Causes de perte de la qualité de membre du Conseil supérieur de direction et modalités de remplacement** |
| (1) Ugize Inama Nkuru y'Ubuyobozi ava kuri uwo mwanya iyo – | (1) A member of the Board of Governors loses membership when – | (1) Un membre du Conseil supérieur de direction cesse d'être membre lorsque – |

| | | |
|---|---|---|
| (a) manda ye irangiye; | (a) his or her term of office expires; | (a) son mandat expire; |
| (b) yeguye akoresheje inyandiko; | (b) he or she resigns in writing; | (b) il démissionne par écrit; |
| (c) atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa bwo mu mutwe, byemejwe na muganga wemewe na Leta; | (c) he or she is no longer able to perform his or her duties due to physical or mental disability ascertained by a certified medical doctor; | (c) il n'est plus capable de remplir ses fonctions en raison d'une incapacité physique ou mentale constatée par un médecin agréé; |
| (d) akatiwe burundu igihano kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu; | (d) he or she is definitively sentenced to imprisonment for a term of not less than six months; | (d) il est définitivement condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six mois; |
| (e) akuweho nk'umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi; | (e) he or she is relieved of his or her duties as a member of the Board of Governors; | (e) il est révoqué de ses fonctions de membre du Conseil supérieur de direction; |
| (f) asibye inama inshuro eshatu zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro; | (f) he or she fails to attend three consecutive meetings without valid reasons; | (f) il s'absente à trois réunions consécutives sans raisons valables; |
| (g) agaragaje imyitwarire yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego arimo; | (g) he or she engages in a behaviour likely to compromise his or her dignity, that of his or her work or his or her position; | (g) il manifeste un comportement susceptible de compromettre sa dignité, celle de sa fonction ou celle de son rang; |
| (h) abangamira inyungu za UR; | (h) he or she jeopardizes the interests of the UR; | (h) il compromet les intérêts de l'UR; |
| (i) ahamwe n'icyaha cya jenoside, icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside cyangwa ibindi byaha bifitanye isano na yo; | (i) he or she is convicted of the crime of genocide, that of genocide ideology or other related crimes; | (i) il est reconnu coupable du crime de génocide, d'idéologie du génocide ou d'autres crimes connexes; |

| | | |
|---|---|---|
| (j) atacyujuje impamvu zashingiweho ashyirwa muri uwo mwanya; | (j) he or she no longer meets the criteria for which he or she was appointed in that capacity; or | (j) il ne remplit plus les critères ayant justifié sa nomination en cette qualité; ou |
| (k) cyangwa apfuye. | (k) he or she dies. | (k) il décède. |
| (2) Iyo ugize Inama Nkuru y'Ubuyobozi avuye mu mirimo y'uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura, akarangiza igihe cya manda y'uwo asimbuye. Icyakora, iyo hasigaye igihe kitarenze amezi atandatu ngo manda irangire, kandi kuva mu mwanya kwe kudatuma habura umubare wa ngombwa kugira ngo Inama Nkuru y'Ubuyobozi iterane, ugize Inama Nkuru y'Ubuyobozi wavuye mu mwanya ntasimburwa. | (2) When a member of the Board of Governors loses membership before the expiry of his or her term of office, the competent authority appoints a replacement who serves for the remainder of his or her predecessor's unexpired term. However, where the remainder of the term of office is not more than six months and such a loss of membership does not result in the absence of a quorum for meetings of the Board of Governors, such a member of the Board of Governors having lost membership is not replaced. | (2) Lorsqu'un membre du Conseil supérieur de direction perd sa qualité de membre avant l'expiration de son mandat, l'autorité compétente procède à la nomination d'un remplaçant pour la durée du mandat de son prédécesseur restant à courir. Toutefois, si la durée du mandat restant à courir n'est pas supérieure à six mois et que cette perte de qualité de membre n'entraîne pas l'absence de quorum aux réunions du Conseil supérieur de direction, ce membre du Conseil supérieur de direction ayant perdu sa qualité de membre n'est pas remplacé. |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Itumizwa n'iterana ry'Inama y'Inama Nkuru y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo** | **<u>Article 21</u>: Convening and holding of the meeting of the Board of Governors and decision-making** | **<u>Article 21</u>: Convocation et tenue de la réunion du Conseil supérieur de direction et prise de décisions** |
| (1) Inama Nkuru y'Ubuyobozi iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari, abyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu cy'abayigize. | (1) The meeting of the Board of Governors is held once every quarter and whenever necessary, convened by its Chairperson or, in his or her absence, by the Deputy Chairperson, on his or her own initiative or at the written request by of at least one third of its members. | (1) La réunion du Conseil supérieur de direction se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son président ou, en cas d'absence de celui-ci, de son vice-président, de sa propre initiative ou à la demande écrite d'au moins un tiers de ses membres. |

| | | |
|---|---|---|
| (2) Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi 15 ngo inama iterane. Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu y'akazi kugira ngo iterane. Inama idasanzwe isuzuma gusa ingingo ziri ku murongo w'ibyigwa. | (2) The notice of the meeting is sent in writing to the members of the Board of Governors at least 15 days before the meeting is held. However, an extraordinary meeting is convened in writing at least three working days before the meeting is held. The extraordinary meeting considers only items on the agenda. | (2) L'avis de convocation est adressé par écrit aux membres du Conseil supérieur de direction au moins 15 jours avant la tenue de la réunion. Toutefois, la réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins trois jours ouvrables avant sa tenue. La réunion extraordinaire n'examine que les points inscrits à l'ordre du jour. |
| (3) Inama Nkuru y'Ubuyobozi iterana iyo hari nibura bibiri bya gatatu by'abayigize. Iyo umubare wa ngombwa utabonetse inama irasubikwa. Icyakora, iyo inama itumijwe ubwa kabiri umubare wa ngombwa ntuboneke, iterana hatitawe ku mubare w'abayigize bitabiriye. | (3) The quorum required for a meeting of the Board of Governors is at least two-thirds of its members. Where the quorum is not reached, the meeting is postponed. However, if the meeting is convened for a second time and the quorum is not reached, it is held regardless of the number of members present. | (3) Le quorum requis pour la réunion du Conseil supérieur de direction est au moins deux tiers de ses membres. Lorsque le quorum n'est pas atteint, la réunion est reportée. Toutefois, si la réunion est convoquée pour la deuxième fois et que le quorum n'est pas atteint, elle se tient quel que soit le nombre de membres présents. |
| (4) Mu byigwa n'Inama Nkuru y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka w'ingengo y'imari harimo kwemeza raporo y'imari n'iy'ibikorwa by'umwaka urangiye. | (4) Items to be considered by the meeting of the Board of Governors in the first quarter of the fiscal year include the approval of financial and activity reports of the preceding year. | (4) Parmi les points à examiner par le Conseil supérieur de direction au cours du premier trimestre de l'année budgétaire figure l'approbation du rapport financier et du rapport d'activités de l'exercice précédent. |
| (5) Buri gihembwe kandi Inama Nkuru y'Ubuyobozi igomba gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa by'igihembwe kirangiye. | (5) Every quarter, the Board of Governors must also examine the financial and activity reports of the preceding quarter. | (5) Chaque trimestre, le Conseil supérieur de direction doit également examiner le rapport financier et le rapport d'activités du trimestre précédent. |

| | | |
|---|---|---|
| (6) Inama y'Inama Nkuru y'Ubuyobozi ifata ibyemezo ku bwumvikane busesuye. Iyo bidashobotse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abahari. | (6) The meeting of the Board of Governors takes its decisions by consensus. If no consensus is reached, decisions are taken by an absolute majority of votes of the members present. | (6) Le Conseil supérieur de direction prend ses décisions par consensus. À défaut, les décisions sont prises à la majorité absolue des voix des membres présents. |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Itumira ry'undi muntu mu nama y'Inama Nkuru y'Ubuyobozi ya UR** | **<u>Article 22</u>: Invitation of a resource person to the meeting of the Boards of Governors of UR** | **<u>Article 22</u>: Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil supérieur de direction de l'UR** |
| (1) Inama Nkuru y'Ubuyobozi ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo iri ku murongo w'ibyigwa. | (1) The Board of Governors may invite to its meeting any resource person it believes can advise it on any item on the agenda. | (1) Le Conseil supérieur de direction peut inviter à sa réunion toute personne ressource qu'il juge capable de le conseiller sur un point quelconque inscrit à l'ordre du jour. |
| (2) Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana isuzumwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa. | (2) The person invited is not allowed to vote or take part in debates on other items on the agenda. | (2) La personne invitée n'est autorisée ni à voter ni à suivre les débats sur d'autres points à l'ordre du jour. |
| (3) Uwatumiwe mu nama y'Inama Nkuru y'Ubuyobozi abujijwe kumena ibanga ry'akazi ry'ibyo yamenyeye muri iyo nama. | (3) The person invited to the meeting of the Board of Governors is bound by professional secrecy with regard to any information of which he or she becomes aware during the meeting. | (3) La personne invitée à la réunion du Conseil supérieur de direction est tenue au secret professionnel quant aux informations dont elle a eu connaissance dans cette réunion. |
| **<u>Ingingo ya 23</u>: Inyungu bwite ku ngingo isuzumwa** | **<u>Article 23</u>: Personal interest in an item on the agenda** | **<u>Article 23</u>: Intérêt personnel dans un point à l'ordre du jour** |
| (1) Iyo ugize Inama Nkuru y'Ubuyobozi ya UR afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye ku ngingo isuzumwa, ahita amenyesha Inama | (1) If a member of the Board of Governors has a direct or indirect interest in the item to be considered, he or she immediately informs the Board of | (1) Si un membre du Conseil supérieur de direction de l'UR a un intérêt direct ou indirect dans un point à examen, il informe immédiatement le Conseil |

| | | |
|---|---|---|
| Nkuru y'Ubuyobozi aho inyungu ye ishingiye. | Directors of where his or her interest lies. | supérieur de direction de ce en quoi réside cet intérêt. |
| (2) Ugize Inama Nkuru y'Ubuyobozi ya UR wamenyesheje cyangwa wamenyeshejwe inyungu bwite afite ku ngingo isuzumwa ntiyitabira inama isuzuma iyo ngingo. | (2) A member of the Board of Governors of UR having reported or having a personal interest in an item under consideration on it does not attend the meeting at which the item is discussed. | (2) Un membre du Conseil supérieur de direction de l'UR qui a déclaré son intérêt dans un point à examen ou qui en a été informé ne participe pas à la réunion qui examine ce point. |
| (3) Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi bafite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye ku ngingo zisuzumwa ku buryo bidashoboka kubifataho ibyemezo, Perezida, cyangwa Visi Perezida, iyo ari we wayoboye inama, ashyikiriza icyo kibazo urwego rureberera UR rukabifataho icyemezo. | (3) When it appears that all or most of members of the Board of Governors have a direct or indirect interest in the items under consideration in such a way that it is impossible to take a decision on the item, the Chairperson or the Vice Chairperson, in case the latter is the one who chaired the meeting, refers the issue to the supervising organ of the UR for decision. | (3) Lorsqu'il apparaît que l'ensemble ou la majorité des membres du Conseil supérieur de direction ont un intérêt direct ou indirect dans un point à examen de sorte que la prise de décision sur ce point est impossible, le Président ou le Vice-président, au cas où ce dernier est celui qui préside la réunion, soumet cette question à l'organe de tutelle de l'UR pour décision. |
| **Ingingo ya 24: Ibigenerwa abagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi bitabiriye inama** | **Article 24: Sitting allowances for members of the Board of Governors** | **Article 24: Jetons de présence des membres du Conseil supérieur de direction** |
| Iteka rya Perezida rigena ibigenerwa abagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi bitabiriye inama. | A Presidential Order determines sitting allowances for members of the Board of Governors. | Un arrêté présidentiel détermine les jetons de présence accordés aux membres du Conseil supérieur de direction. |
| **Ingingo ya 25: Uburyozwe bw'abagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi** | **Article 25: Liability of members of the Board of Governors** | **Article 25: Responsabilité des membres du Conseil supérieur de direction** |
| Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko ahana, abagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi | Without prejudice to the provisions of criminal Laws, members of the Board of | Sans préjudice des dispositions des lois pénales, les membres du Conseil supérieur |

| | | |
|---|---|---|
| ya UR bagize uruhare mu micungire mibi ya UR cyangwa bayiteje igihombo umwe ku giti cye cyangwa bose hamwe baryozwa amakosa bakoze, uretse ugize Inama Nkuru y'Ubuyobozi wagaragaje mu nama ko atemera icyemezo cyafashwe, bikandikwa mu nyandikomvugo y'inama y'uwo munsi. | Governors of the UR who are individually or collectively involved in the mismanagement of the UR or cause loss to the latter are liable for their faults, with the exception of a member of Board of Governors who, during the meeting, expressed a dissenting opinion as to the decision taken with his or her opinion being recorded in the minutes of the meeting concerned. | de direction de l'UR qui sont individuellement ou collectivement impliqués dans la mauvaise gestion de l'UR ou qui occasionnent des pertes à celle-ci sont tenus responsables de leurs fautes, à l'exception d'un membre du Conseil supérieur de direction qui, au cours de la réunion, a émis une opinion dissidente quant à la décision prise, laquelle opinion a été consignée au procès-verbal de la réunion concernée. |
| **<u>Akiciro ka 3</u>: Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Subsection 3</u>: Executive Organ** | **<u>Sous-section 3</u>: Organe exécutif** |
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Abagize Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Article 26</u>: Composition of the Executive Organ** | **<u>Article 26</u>: Composition de l'Organe exécutif** |
| Urwego Nshingwabikorwa rwa UR rugizwe n'aba bakurikira: | The Executive Organ of the UR is made up of the following members: | L'Organe exécutif de l'UR est composé des membres suivants: |
| (a) Umuyobozi Mukuru; | (a) the Vice Chancellor; | (a) Vice-chancelier; |
| (b) Abayobozi Bakuru bungirije. | (b) the Deputy Vice Chancellors. | (b) Vice-chanceliers adjoints. |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Ishyirwaho ry'abagize Urwego Nshingwabikorwa na manda yabo** | **<u>Article 27</u>: Appointment and term of office of members of the Executive Organ** | **<u>Article 27</u>: Nomination et mandat des membres de l'Organe exécutif** |
| (1) Iteka rya Perezida rishyiraho abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa UR. | (1) A Presidential Order appoints members of the Executive Organ of the UR. | (1) Un arrêté présidentiel nomme les membres de l'Organe exécutif de l'UR. |

| | | |
|---|---|---|
| (2) Abagize Urwego Nshingwabikorwa bagira manda y'imyaka itanu ishobora kongerwa inshuro imwe. | (2) Members of the Executive Organ are appointed for a term of five years, renewable once. | (2) Les membres de l'Organe exécutif sont nommés pour un mandat de cinq ans, renouvelable une fois. |
| (3) Nibura 30% by'abagize Urwego Nshingwabikorwa bagomba kuba ari abagore. | (3) At least 30 % of members of the Board of Directors must be female. | (3) Au moins 30% des membres de l'Organe exécutif doivent être de sexe féminin. |
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Article 28</u>: Responsibilities of the Executive Organ** | **<u>Article 28</u>: Attributions de l'Organe exécutif** |
| Urwego Nshingwabikorwa rufite inshingano zikurikira: | The Executive Organ has the following responsibilities: | L'Organe exécutif a les attributions suivantes: |
| (a) gutegura politiki n'amategeko ngengamikorere bya UR byemezwa n'Inama Nkuru y'Ubuyobozi; | (a) to prepare policies and Internal Rules and Regulations of the UR for approval by the Board of Governors; | (a) préparer les politiques et le règlement intérieur de l'UR pour approbation par le Conseil supérieur de direction; |
| (b) gukurikirana imiyoborere ya buri munsi ya UR; | (b) to oversee the daily administration of the UR; | (b) superviser l'administration quotidienne de l'UR; |
| (c) guhuza ibikorwa bya UR; | (c) to coordinate the activities of the UR; | (c) coordonner les activités de l'UR; |
| (d) gushyiraho ingamba z'imiyoborere n'ubufatanye bwa UR ku rwego rw'Igihugu, urw'akarere no ku rwego mpuzamahanga; | (d) to establish administration strategies and partnership of UR at the national, regional and international levels; | (d) établir les stratégies d'administration et le partenariat de l'UR aux niveaux national, régional et international; |
| (e) gushaka abafatanyabikorwa n'ubushobozi bwo guteza imbere UR; | (e) to mobilize partners and resources towards developing the UR; | (e) mobiliser des partenaires et des ressources pour le développement de l'UR; |

| | | |
|---|---|---|
| (f) gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama Nkuru y'Ubuyobozi; | (f) to implement the resolutions of the Board of Governors; | (f) exécuter les résolutions du Conseil supérieur de direction; |
| (g) gutegura igenamigambi ry'igihe kirekire na gahunda y'ibikorwa bya buri mwaka byemezwa n'Inama Nkuru y'Ubuyobozi; | (g) to prepare the strategic plan and annual action plan for approval by the Board of Governors; | (g) préparer le plan stratégique et le plan d'action annuel pour approbation par le Conseil supérieur de direction; |
| (h) gutegura gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari no kubishyikiriza Inama Nkuru y'Ubuyobozi kugira ngo ibyemeze; | (h) to prepare the action plan and the budget and present them to the Board of Governors for approval; | (h) préparer le plan d'action et le budget et les présenter au Conseil supérieur de direction pour approbation; |
| (i) gutegura imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya UR no kuyishyikiriza Inama Nkuru y'ubuyobozi kugira ngo iyemeze; | (i) to prepare the organizational structure of the UR and submit it to the Board of Governors for approval; | (i) préparer la structure organisationnelle de l'UR et la soumettre au Conseil supérieur de direction pour approbation; |
| (j) gushaka no gucunga abakozi ba UR; | (j) to recruit and manage the staff of the UR; | (j) recruter et gérer le personnel de l'UR; |
| (k) gutegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari no kuyishyikiriza inzego zibishinzwe; | (k) to prepare the draft budget proposal and submit it to the competent organs; | (k) préparer l'avant-projet de budget et le soumettre aux organes compétents; |
| (l) gutegura raporo y'ibikorwa na raporo y'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'umwaka urangiye; | (l) to prepare activity and financial reports of the previous year; | (l) préparer le rapport d'activités et le rapport financier de l'exercice précédent; |
| (m) gukora indi mirimo yashingwa n'Inama Nkuru y'Ubuyobozi. | (m) to perform such other duties as may be assigned by the Board of Governors. | (m) accomplir d'autres tâches pouvant lui être confiées par le Conseil supérieur de direction. |

| | | |
|---|---|---|
| **Akiciro ka 4: Urwego rushinzwe Imyigire n'Imyigishirize** | **Sub Section 4: Academic Senate** | **Sous -section 4: Sénat académique** |
| **Ingingo ya 29: Abagize Urwego rushinzwe Imyigire n'Imyigishirize na manda yabo** | **Article 29: Members of the Academic Senate and their term of office** | **Article 29: Membres du Sénat académique et leur mandat** |
| (1) Urwego rushinzwe Imyigire n'Imyigishirize rwa UR rugizwe n'aba bakurikira: | (1) The Academic Senate of the UR is made up of the following members: | (1) Le Sénat académique de l'UR est composé des membres suivants: |
| (a) Umuyobozi Mukuru, ari na we Perezida; | (a) the Vice Chancellor, who also serves as its chairperson; | (a) Vice-chancelier, qui fait également office de président; |
| (b) Abayobozi Bakuru bungirije; | (b) Deputy Vice Chancellors; | (b) Vice-chancelier adjoints; |
| (c) Umuyobozi wa koleji; | (c) the Principal of college; | (c) Directeur du collège; |
| (d) Umuyobozi w'ishami uturuka muri buri koleji utorwa n'abayobozi b'amashami b'iyo koleji; | (d) a dean of school from each college elected by the deans of schools of that college; | (d) doyen d'école issu de chaque collège élu par les doyens des écoles de ce collège; |
| (e) Umuyobozi umwe w'ikigo cy'icyitegererezo utorwa na bagenzi be; | (e) one director of a centre of excellence elected by his or her peers; | (e) un directeur d'un centre d'excellence élu par ses pairs; |
| (f) Umuyobozi umwe w'ikigo kigisha kikanakora ubushakashatsi gishamikiye kuri UR utorwa na bagenzi be; | (f) one director of a UR-affiliated teaching and research institute elected by his or her peers; | (f) un directeur d'un institut d'enseignement et de recherche affilié à l'UR élu par ses pairs; |
| (g) Umuyobozi ufite mu nshingano ireme ry'uburezi n'iterambere ry'imyigire n'imyigishirize muri UR; | (g) the official in charge of quality education, learning and teaching enhancement within the UR; | (g) le responsable ayant dans ses attributions l'éducation de qualité, l'amélioration de l'apprentissage et |

| | | |
|---|---|---|
| | | de l'enseignement au sein de l'UR; |
| (h) ushinzwe iyandikwa ry'abanyeshuri muri UR; | (h) the Registrar of the UR; | (h) le Registraire de l'UR; |
| (i) umwarimu uturuka muri buri koleji, utorwa na bagenzi be; | (i) an academic staff member from each college elected by his or her peers; | (i) un membre du personnel académique de chaque collège élu par ses pairs; |
| (j) abanyeshuri babiri harimo uw'umugabo n'uw'umugore, baturuka muri buri koleji, batorwa na bagenzi babo hakurikije amategeko shingiro y'ihuriro ry'abanyeshuri ba UR. | (j) two students, including a male and a female, from each college, elected by their peers in accordance with the Statute governing the UR Student Union. | (j) deux étudiants, dont un homme et une femme, issus de chaque collège et élus par leurs pairs conformément au Statut régissant l'Union des étudiants de l'UR. |
| (2) Umuyobozi Mukuru Wungirije ushinzwe imyigire, imyigishirize n'ubushakashatsi ni we Visi-Perezida akaba n'umwanditsi, naho ushinzwe iyandikwa ry'abanyeshuri muri UR akaba umwanditsi wungiririje. | (2) The Deputy Vice Chancellor in charge of academic affairs and research serves as Vice Chairperson and rapporteur, while the UR Registrar serves as deputy rapporteur. | (2) Le Vice-chancelier adjoint en charge des affaires académiques et de la recherche fait office de vice-président et de rapporteur, tandis que le Registraire de l'UR fait office de rapporteur adjoint. |
| (3) Uretse abari mu Rwego rushinzwe Imyigire n'Imyigishirize kubera imirimo y'ubuyobozi bashinzwe, abandi bagize Urwego rushinzwe Imyigire n'Imyigishirize batorerwa manda y'imyaka ibiri ishobora kongerwa inshuro imwe. Icyakora, abanyeshuri batorewe guhagararira bagenzi babo muri uru rwego bagira manda y'umwaka w'amashuri umwe. | (3) Except for ex-officio members of the Academic Senate, other members of the Academic Senate are elected for two years' term of office renewable once. However, students elected to represent their peers on this organ have a term of one academic year. | (3) À l'exception des membres d'office du Sénat académique, les autres membres du Sénat académique sont élus pour un mandat de deux ans, renouvelable une fois. Toutefois, les étudiants élus pour représenter leurs pairs au sein de cet organe ont un mandat d'une année académique. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 30</u>: Inshingano n'ububasha by'Urwego rushinzwe Imyigire n'Imyigishirize** | **<u>Article 30</u>: Responsibilities and powers of the Academic Senate** | **<u>Article 30</u>: Attributions et pouvoirs du Sénat académique** |
| (1) Urwego rushinzwe Imyigire n'Imyigishirize rufite inshingano zikurikira: | (1) The Academic Senate has the following responsibilities: | (1) Le Sénat académique a les attributions suivantes: |
| (a) kugena imirongo ngenderwaho mu byerekeye kwemerera abanyeshuri kwiga, n'uburyo bw'isuzumabumenyi cyangwa ubw'isuzumabushobozi; | (a) to determine guidelines related to students' admission, assessment or evaluation; | (a) déterminer les lignes directrices relatives à l'admission, à l'appréciation et à l'évaluation des étudiants; |
| (b) kwemeza ishyirwaho n'ihindurwa ry'abayobozi b'amashami n'udushami; | (b) to approve the appointment and replacement of deans of schools and heads of departments; | (b) approuver la nomination et le remplacement des doyens d'écoles et des chefs de départements; |
| (c) gushaka no guhitamo abarimu, abashakashatsi n'abakozi bunganira mu myigishirize no mu bushakashatsi bagomba guhabwa akazi no kuzamurwa mu ntera no kubishyikiriza Inama Nkuru y'Ubuyobozi kugira ngo ibyemeze; | (c) to recruit and select academic staff, research staff, academic and research support staff to be appointed and promoted and submit a related proposal to the Board of Governors for approval; | (c) recruter et sélectionner le personnel académique, le personnel de recherche et le personnel d'appui académique et à la recherche devant être recrutés et promus et présenter au Conseil supérieur de direction une proposition à cet effet pour approbation; |
| (d) gusuzuma no kugenzura imyigire, imyigishirize, ubushakashatsi n'uburezi; | (d) to evaluate and monitor academic programs, research and education; | (d) évaluer et faire le suivi des programmes académiques, de la recherche et de l'éducation; |
| (e) gufata imyanzuro ku byerekeye umusaruro w'abanyeshuri, | (e) to take decisions with regard to students' performance, promotion, | (e) prendre des décisions concernant la performance, la promotion, le |

| | | |
|---|---|---|
| kwimurwa, gusibizwa cyangwa kwirukanwa; | repetition or expulsion; | redoublement ou le renvoi des étudiants; |
| (f) kwemeza abahabwa impamyabumenyi, impamyabushobozi, amashimwe n'ibindi bihembo bitangwa na UR; | (f) to approve candidates for the award of degrees, certificates, merit titles and other awards granted by the UR; | (f) approuver les lauréats pour l'obtention de diplômes, de certificats, de titres de mérite et d'autres prix accordés par l'UR; |
| (g) gutegura amategeko agenga imyigire n'imyigishirize; | (g) to draft academic rules; | (g) élaborer le projet de règlements académiques; |
| (h) kwemeza umushinga wa porogaramu z'inyigisho n'uburyo bwo kwigisha; | (h) to approve draft academic programmes and teaching methodology; | (h) approuver le projet de programmes académiques et de méthodologie d'enseignement; |
| (i) gushyikiriza Inama Nkuru y'Ubuyobozi raporo y'ibikorwa ya buri gihembwe n'iy'umwaka. | (i) to submit the quarterly and annual activity reports to the Board of Governors. | (i) soumettre les rapports trimestriel et annuel d'activités au Conseil supérieur de direction. |
| (2) Urwego rushinzwe Imyigire n'Imyigishirize rufite ububasha ku byerekeye inyigisho, ubushakashatsi n'uburezi. | (2) The Academic Senate has powers in relation to academic matters, research and education. | (2) Le Sénat académique dispose des pouvoirs en matière académique, de recherche et d'éducation. |
| **Akiciro ka 5: Komite Nkuru y'Ubuyobozi** | **Subsection 5: Senior Management Committee** | **Sous-section 5: Comité supérieur de direction** |
| **Ingingo ya 31: Abagize Komite Nkuru y'Ubuyobozi** | **Article 31: Composition of the Senior Management Committee** | **Article 31: Composition du Comité supérieur de direction** |
| (1) Komite Nkuru y'Ubuyobozi igizwe n'aba bakurikira: | (1) The Senior Management Committee is composed by the following members: | (1) Le Comité supérieur de direction est composé des membres suivants: |

| | | |
|---|---|---|
| (a) Umuyobozi Mukuru, ari na we Perezida; | (a) the Vice Chancellor who also serves as chairperson; | (a) Vice-chancelier, qui fait également office de président; |
| (b) Abayobozi Bakuru bungirije; | (b) Deputy Vice Chancellors; | (b) Vice-chanceliers adjoints; |
| (c) Umuyobozi wa koleji na *Resident Principal*; | (c) Principal of college and Resident Principal; | (c) Directeur du collège et *Resident Principal*; |
| (d) Abayobozi bungurije ba za koleji; | (d) Deputy Principals of colleges; | (d) Directeurs adjoints des collèges; |
| (e) ushinzwe iyandikwa ry'abanyeshuri muri UR; | (e) the Registrar of the UR; | (e) Registraire de l'UR; |
| (f) Umuyobozi w'ibiro by'ubujyanama mu by'amategeko wa UR; | (f) the head of UR Legal Office; | (f) chef de l'Office juridique de l'UR; |
| (2) Umuyobozi Mukuru Wungirije ushinzwe igenamigambi n'ubuyobozi ni we Visi Perezida. | (2) The Deputy Vice Chancellor in charge of strategic planning and administration serves as deputy chairperson. | (2) Le Vice-chancelier adjoint en charge de la planification stratégique et de l'administration fait office de vice-président. |
| (3) Umuyobozi Mukuru Wungirije ushinzwe imari ni umwanditsi wa Komite. | (3) The Deputy Vice Chancellor in charge of Finance serves as rapporteur of the Committee. | (3) Le Vice-chancelier adjoint chargé des Finances fait office de rapporteur du Comité. |
| (4) Amategeko ngengamikorere ashobora kongeraho abandi bagize Komite Nkuru y'Ubuyobozi akanagena umubare ntarengwa w'abayigize. | (4) The Internal Rules and Regulations may add other members to the Senior Management Committee and determine the maximum number of its members. | (4) Le règlement intérieur peut ajouter d'autres membres au Comité supérieur de direction et déterminer le nombre maximum de ses membres. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 32</u>: Inshingano n'ububasha bya Komite Nkuru y'Ubuyobozi** | **<u>Article 32</u>: Responsibilities and powers of the Senior Management Committee** | **<u>Article 32</u>: Attributions et pouvoirs du Comité supérieur de direction** |
| (1) Komite Nkuru y'Ubuyobozi ifite inshingano zikurikira: | (1) The Senior Management Committee has the following responsibilities: | (1) Le Comité supérieur de direction a les attributions suivantes: |
| a) gusuzuma no gutanga ibitekerezo ku mbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya UR mbere y'uko Inama Nkuru y'Ubuyobozi iyemeza; | (a) to consider and provide opinions on the UR's draft budget proposal prior to approval thereof by the Board of Governors; | (a) examiner et donner des avis sur l'avant-projet de budget de l'UR avant son approbation par le Conseil supérieur de direction; |
| b) gusuzuma gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari no kubitangaho ibitekerezo mbere y'uko Inama Nkuru y'Ubuyobozi ibyemeza; | (b) to consider and provide opinions on the action plan and budget prior to approval thereof by the Board of Governors; | (b) examiner et donner des avis sur le plan d'action et le budget avant leur approbation par le Conseil supérieur de direction; |
| c) gusuzuma raporo y'ibikorwa na raporo y'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'umwaka urangiye mbere y'uko zishyikirizwa inzego bireba; | (c) to consider the activity report and financial report for the previous year prior to submission thereof to the relevant organs; | (c) examiner le rapport d'activités et le rapport financier de l'exercice précédent avant leur soumission aux organes concernés; |
| d) gusuzuma no gutanga ibitekerezo ku mushinga w'igenamigambi ry'igihe kirekire na gahunda y'ibikorwa bya buri mwaka mbere y'uko ryemezwa n'Inama Nkuru y'Ubuyobozi; | (d) to consider and provide opinions on the draft strategic plan and annual action plan prior to approval thereof by the Board of Governors; | (d) examiner et donner des avis sur le projet de plan stratégique et de plan d'action annuel avant son approbation par le Conseil supérieur de direction; |
| e) gusuzuma no gutanga | (e) to consider and provide opinions on | (e) examiner et donner des avis sur les |

| | | |
|---|---|---|
| ibitekerezo kuri politiki n'amategeko ngengamikorere bya UR mbere y'uko byemezwa n'Inama Nkuru y'Ubuyobozi; | UR's policies and Internal Rules and Regulations prior to approval thereof by the Board of Governors; | politiques et le règlement intérieur de l'UR avant leur approbation par le Conseil supérieur de direction; |
| f) kwemeza ingamba na gahunda byo kunoza no guteza imbere imibereho y'abakozi n'abanyeshuri ba UR mbere y'uko bishyikirizwa inzego bireba; | (f) to approve strategies and programs aimed at improving and promoting the welfare of UR staff and students, prior to submission thereof to the relevant organs; | (f) approuver les stratégies et programmes visant l'amélioration et la promotion du bien-être du personnel et des étudiants de l'UR avant leur soumission aux organes concernés; |
| g) gusuzuma no gutanga ibitekerezo ku ngamba na gahunda z'ibikorwa bibyarira inyungu UR; | (g) to consider and provide opinions on strategies and action plans aimed at generating income for the UR; | (g) examiner et donner des avis sur les stratégies et les plans d'action visant la génération de revenus pour l'UR; |
| h) gushyira mu bikorwa izindi nshingano yahabwa n'Inama Nkuru y'Ubuyobozi. | (h) to perform such other responsibilities as may be assigned by the Board of Governors. | (h) s'acquitter d'autres attributions pouvant lui être confiées par le Conseil supérieur de direction. |
| (2) Komite Nkuru y'Ubuyobozi ifite ububasha bwo gufata ibyemezo mu byerekeye imicungire ya UR. | (2) The Senior Management Committee has the powers to take decisions with regard to the management of the UR. | (2) Le Comité supérieur de Direction a le pouvoir de prendre des décisions concernant la gestion de l'UR. |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Imikorere y'inzego z'ubuyobozi za UR** | **<u>Section 2</u>: Functioning of management organs of the UR** | **<u>Section 2</u>: Fonctionnement des organes de direction de l'UR** |
| **<u>Ingingo ya 33</u>: Imikorere y'inzego** | **<u>Article 33</u>: Functioning of organs** | **<u>Article 33</u>: Fonctionnement des organes** |
| Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imikorere y'inzego za UR ziteganywa | An Order of the Prime Minister determines the functioning of UR organs provided for | Un arrêté du Premier Ministre détermine le fonctionnement des organes de l'UR |

| | | |
|---|---|---|
| n'iri tegeko, rikanagena inshingano n'ububasha by'abazigize. | by this Law as well as the duties and powers of their members. | prévus par la présente loi ainsi que les fonctions et les pouvoirs de leurs membres. |
| **<u>Icyiciro cya 3</u>: Abakozi** | **<u>Section 3</u>: Staff** | **<u>Section 3</u>: Personnel** |
| **<u>Ingingo ya 34</u>: Abakozi ba UR n'uko bashyirwaho** | **<u>Article 34</u>: Staff members of the UR and procedures for their appointment** | **<u>Article 34</u>: Membres du personnel de l'UR et modalités de leur nomination** |
| (1) Abakozi ba UR ni aba bakurikira: | (1) Staff members of the UR are the following: | (1) Les membres du personnel de l'UR sont les suivants: |
| (a) abarimu n'abashakashatsi; | (a) the academic and research staff; | (a) personnel académique et de recherche; |
| (b) abakozi bunganira mu myigishirize n'ubushakashatsi; | (b) the academic and research support staff; and | (b) personnel d'appui académique et à la recherche; et |
| (c) n'abakozi bo mu buyobozi. | (c) the administrative staff. | (c) personnel administratif. |
| (2) Abakozi ba UR bashyirwaho hakurikijwe amategeko abigenga. | (2) Staff members of the UR are appointed in accordance with the relevant legislation. | (2) La nomination des membres du personnel de l'UR se fait conformément à la législation en la matière. |
| **<u>UMUTWE WA IV</u>: KWEMERERWA, UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'UMUNYESHURI** | **<u>CHAPTER IV</u>: STUDENT ADMISSION, RIGHTS AND OBLIGATIONS** | **<u>CHAPITRE IV</u>: ADMISSION, DROITS ET OBLIGATIONS DE L'ÉTUDIANT** |
| **<u>Ingingo ya 35</u>: Umunyeshuri wa UR** | **<u>Article 35</u>: Student of the UR** | **<u>Article 35</u>: Étudiant de l'UR** |
| Umunyeshuri wa UR ni umuntu wemerewe kandi wanditswe kugira ngo akurikirane inyigisho UR itanga mu | A student of the UR is a person who is admitted and registered to take academic | Un étudiant de l'UR est une personne admise et enregistrée pour suivre les |

| | | |
|---|---|---|
| rwego rwa gahunda zisanzwe cyangwa zihariye. | programmes or special courses offered by the UR. | programmes académiques ordinaires ou les cours spéciaux dispensés par l'UR. |
| **<u>Ingingo ya 36</u>: Ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe kwiga** | **<u>Article 36</u>: Requirements for admission as a student** | **<u>Article 36</u>: Conditions d'admission comme étudiant** |
| Amategeko ngengamikorere ya UR agena ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe kwiga muri UR. | The Internal Rules and Regulations of the UR determine the requirements for a person to be admitted as a student of the UR. | Le règlement intérieur de l'UR détermine les conditions d'admission comme étudiant à l'UR. |
| **<u>Ingingo ya 37</u>: Inshingano n'uburenganzira by'umunyeshuri** | **<u>Article 37</u>: Obligations and rights of a student** | **<u>Article 37</u>: Obligations et droits d'un étudiant** |
| Amategeko ngengamikorere ya UR agena inshingano n'uburenganzira by'umunyeshuri. | The Internal Rules and Regulations of the UR determine the obligations and rights of a student. | Le règlement intérieur de l'UR détermine les obligations et les droits de l'étudiant. |
| **<u>UMUTWE WA V</u>: UMUTUNGO** | **<u>CHAPTER V</u>: PROPERTY** | **<u>CHAPITRE V</u>: PATRIMOINE** |
| **<u>Ingingo ya 38</u>: Umutungo n'inkomoko yawo** | **<u>Article 38</u>: Property and its sources** | **<u>Article 38</u>: Patrimoine et ses sources** |
| (1) Umutungo wa UR ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa. | (1) The property of the UR comprises movable and immovable assets. | (1) Le patrimoine de l'UR comprend les biens meubles et immeubles. |
| (2) Umutungo wa UR ukomoka kuri ibi bikurikira: | (2) The property of the UR originates from the following sources: | (2) Le patrimoine de l'UR provient des sources suivantes: |
| (a) ingengo y'imari igenerwa na Leta; | (a) State budget allocations; | (a) dotations budgétaires de l'État; |
| (b) inkunga za Leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa; | (b) Government or partners' subsidies; | (b) subventions de l'État ou des partenaires; |

| | | |
|---|---|---|
| (c) ibituruka ku mirimo ikora; | (c) income from the services provided; | (c) revenus des services fournis; |
| (d) amafaranga aturuka mu bikorwa yashoyemo imari; | (d) income from its investments; | (d) revenus de ses investissements; |
| (e) inyungu ku mutungo wayo harimo n'umutungo bwite mu by'ubwenge; | (e) interests from its property, including intellectual property; | (e) intérêts de son patrimoine y compris la propriété intellectuelle; |
| (f) inguzanyo zihabwa UR zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano; | (f) loans granted to the UR approved by the Minister in charge of finance; | (f) prêts accordés à l'UR approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions; |
| (g) impano n'indagano. | (g) donations and bequests. | (g) dons et legs. |
| **<u>UMUTWE WA VI</u>: INGINGO IZIGAMA N'IZISOZA** | **<u>CHAPTER VI</u>: SAVING AND FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE VI</u>: DISPOSITIONS DE SAUVEGARDE ET FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 39</u>: Ingingo y'ururimi** | **<u>Article 39</u>: Language provision** | **<u>Article 39</u>: Disposition linguistique** |
| Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. | This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda. | La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda. |
| **<u>Ingingo ya 40</u>: Ingingo izigama ikanavanaho** | **<u>Article 40</u>: Saving and repealing provision** | **<u>Article 40</u>: Disposition de sauvegarde et abrogatoire** |
| Uretse ingingo ya mbere y'Itegeko nº 71/2013 ryo ku wa 10/09/2013 rishyiraho Kaminuza y'u Rwanda «UR» rikanagena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere byayo ku byerekeye ishyirwaho rya UR, izindi ngingo zaryo zivanyweho. | With the exception of Article One of Law n° 71/2013 of 10/09/2013 establishing the University of Rwanda (UR) and determining its mission, powers, organisation and functioning relating to the UR establishment, other provisions of this Law are repealed. | À l'exception de l'article premier de la Loi nº 71/2013 du 10/09/2013 portant création de l'Université Nationale du Rwanda (UR) et déterminant ses missions, sa compétence, son organisation et son fonctionnement en rapport avec la création de l'UR, les autres dispositions de cette loi sont abrogées. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 41</u>: Gutangira gukurikizwa**<br><br>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | **<u>Article 41</u>: Entry into force**<br><br>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | **<u>Article 41</u>: Entrée en vigueur**<br><br>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

| |
|---|
| Kigali, 07/06/2024<br><br>**(sé)**<br><br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika<br>President of the Republic<br>Président de la République |
| **(sé)**<br><br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe<br>Prime Minister<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kugira ngo bishyirweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Seen to be sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu pour être scellé du Sceau de la République:**<br><br>**(sé)**<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO N° 054/2024 RYO KU WA 07/06/2024 RIGENGA POLITEKINIKI Y'U RWANDA** | **LAW N° 054/2024 OF 07/06/2024 GOVERNING RWANDA POLYTECHNIC** | **LOI N° 054/2024 DU 07/06/2024 RÉGISSANT LA POLYTECHNIQUE DU RWANDA** |
| **<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE** | **<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GÉNÉRALES** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri tegeko rigamije** | **<u>Article One</u>: Purpose of this Law** | **<u>Article premier</u>: Objet de la présente loi** |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Isobanura** | **<u>Article 2</u>: Interpretation** | **<u>Article 2</u>: Interprétation** |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Ubuzimagatozi n'ubwisanzure** | **<u>Article 3</u>: Legal personality and autonomy** | **<u>Article 3</u>: Personnalité juridique et autonomie** |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Urwego rureberera RP** | **<u>Article 4</u>: Supervising organ of RP** | **<u>Article 4</u>: Organe de tutelle de la RP** |
| **<u>Ingingo ya 5</u>: Icyicaro** | **<u>Article 5</u>: Head Office** | **<u>Article 5</u>: Siège** |
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Koleji n'aho zikorera** | **<u>Article 6</u>: Colleges and their locations** | **<u>Article 6</u>: Collèges et leurs emplacements** |
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Imiterere ya Koleji** | **<u>Article 7</u>: Structure of a college** | **<u>Article 7</u>: Structure d'un collège** |
| **<u>Ingingo ya 8</u> : Gufungura, gufunga cyangwa kwimurira ahandi koleji, ishami, agashami cyangwa ikigo kigisha kigakora n'ubushakashatsi.** | **<u>Article 8</u>: Establishing, closing or relocating a college, school, department or teaching and research institute** | **<u>Article 8</u>: Ouverture, fermeture ou délocalisation d'un collège, d'une école, d'un département ou d'un institut d\`enseignement et de recherche** |
| **<u>Ingingo ya 9:</u> Ubuyobozi bwa koleji** | **<u>Article 9</u>: Management of colleges** | **<u>Article 9</u>: Direction des collèges** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA II</u>: INTEGO, INSHINGANO N'UBUBASHA** | **<u>CHAPTER II</u>: MISSION, RESPONSIBILITIES AND POWERS** | **<u>CHAPITRE II</u>: MISSION, ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS** |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Intego** | **<u>Article 10</u>: Mission** | **<u>Article 10</u>: Mission** |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Inshingano** | **<u>Article 11:</u> Responsibilities** | **<u>Article 11</u>: Attributions** |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Ububasha** | **<u>Article 12</u>: Powers** | **<u>Article 12</u>: Pouvoirs** |
| **<u>UMUTWE WA III</u>: IMITUNGANYIRIZE N' IMIKORERE** | **<u>CHAPTER III</u>: ORGANISATION AND FUNCTIONING** | **<u>CHAPITRE III</u>: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Inzego z'ubuyobozi za RP** | **<u>Section one</u>: Management organs of RP** | **<u>Section première</u>: Organes de direction de la RP** |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Inzego z'ubuyobozi za RP** | **<u>Article 13</u>: Management organs of RP** | **<u>Article 13</u>: Organes de direction de la RP** |
| **<u>Akiciro ka mbere:</u> Ubuyobozi bw'Icyubahiro** | **<u>Sub section One</u>: Chancellery** | **<u>Sous-section première</u>: Chancellerie** |
| **<u>Ingingo ya 14:</u> Ubuyobozi bw'icyubahiro n'uko bushyirwaho** | **<u>Article 14</u>: Chancellery and its appointment** | **<u>Article 14</u>: Chancellerie et sa mise en place** |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Inshingano z'Umuyobozi w'Icyubahiro** | **<u>Article 15</u>: Responsibilities of the Chancellor** | **<u>Article 15</u>: Attributions du Chancelier** |
| **<u>Akiciro 2</u>: Inama Nkuru y'Ubuyobozi** | **<u>Sub section 2</u>: Board of Governors** | **<u>Sous-section 2</u>: Conseil supérieur de direction** |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Abagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi na manda yabo** | **<u>Article 16</u>: Composition of the Board of Governors and term of office** | **<u>Article 16</u>: Composition du Conseil supérieur de direction et mandat** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Inshingano z'Inama Nkuru y'Ubuyobozi** | **<u>Article 17</u>: Responsibilities of Board of Governors** | **<u>Article 17</u>: Attributions du Conseil supérieur de direction** |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Ububasha bw'Inama Nkuru y'Ubuyobozi** | **<u>Article 18</u>: Powers of the Board of Governors** | **<u>Article 18</u>: Pouvoirs du Conseil supérieur de direction** |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi** | **<u>Article 19</u>: Incompatibilities with membership of the Board of Governors** | **<u>Article 19</u>: Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil supérieur de direction** |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Impamvu zituma ugize Inama Nkuru y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya n'uko asimburwa** | **<u>Article 20</u>: Reasons for loss of membership of the Board of Governors and modalities for replacement** | **<u>Article 20</u>: Causes de perte de la qualité de membre du Conseil supérieur de direction et modalités de remplacement** |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Itumizwa n'iterana ry'Inama y'Inama Nkuru y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo** | **<u>Article 21</u>: Convening and holding of meetings of the Board of Governors and decision-making** | **<u>Article 21</u>: Convocation et tenue des réunions du Conseil supérieur de direction et prise de décisions** |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Itumira ry'undi muntu mu nama y'Inama Nkuru y'Ubuyobozi ya RP** | **<u>Article 22</u>: Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors of RP** | **<u>Article 22</u>: Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil supérieur de direction de la RP** |
| **<u>Ingingo ya 23</u>: Inyungu bwite ku ngingo isuzumwa** | **<u>Article 23</u>: Personal interest in an item on the agenda** | **<u>Article 23</u>: Intérêt personnel dans un point à l'ordre du jour** |
| **<u>Ingingo ya 24:</u> Ibigenerwa abagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi bitabiriye inama** | **<u>Article 24</u>: Sitting allowances for members of the Board of Governors** | **<u>Article 24</u>: Jetons de présence pour les membres du Conseil supérieur de direction** |
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Uburyozwe bw'abagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi** | **<u>Article 25</u>: Liability of members of the Board of Directors** | **<u>Article 25</u>: Responsabilité des membres du Conseil supérieur de direction** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Akiciro ka 3</u>: Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Sub section 3</u>: Executive Organ** | **<u>Sous-section 3</u>: Organe exécutif** |
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Abagize Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Article 26</u>: Composition of Executive Organ** | **<u>Article 26</u>: Composition de l'Organe exécutif** |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Ishyirwaho ry'abagize Urwego Nshingwabikorwa na manda yabo** | **<u>Article 27</u>: Appointment of members of Executive Organ and their term of office** | **<u>Article 27</u>: Nomination des membres de l'Organe exécutif et leur mandat** |
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Article 28</u>: Responsibilities of the Executive Organ** | **<u>Article 28</u>: Attributions de l'Organe exécutif** |
| **<u>Akiciro ka 4</u>: Urwego rushinzwe Imyigire n'Imyigishirize** | **<u>Sub section 4</u>: Academic Senate** | **<u>Sous-section 4</u>: Sénat Académique** |
| **<u>Ingingo ya 29</u>: Abagize Urwego rushinzwe Imyigire n'Imyigishirize na manda yabo** | **<u>Article 29</u>: Composition of Academic Senate and their term of office** | **<u>Article 29</u>: Composition du Sénat académique et leur mandat** |
| **<u>Ingingo ya 30</u>: Inshingano n'ububasha by'Urwego rushinzwe Imyigire n'Imyigishirize** | **<u>Article 30</u>: Responsibilities and powers of the Academic Senate** | **<u>Article 30</u>: Attributions et pouvoirs du Sénat académique** |
| **<u>Akiciro ka 5</u>: Komite Nkuru y'Ubuyobozi** | **<u>Sub section 5</u>: Senior Management Committee** | **<u>Sous-section 5</u>: Comité supérieur de direction** |
| **<u>Ingingo ya 31</u>: Abagize Komite Nkuru y'Ubuyobozi** | **<u>Article 31</u>: Composition of the Senior Management Committee** | **<u>Article 31</u>: Composition du Comité supérieur de direction** |
| **<u>Ingingo ya 32</u>: Inshingano n'ububasha bya Komite Nkuru y'Ubuyobozi** | **<u>Article 32</u>: Responsibilities and powers of the Senior Management Committee** | **<u>Article 32</u>: Attributions et pouvoirs du Comité supérieur de direction** |

| | | |
|---|---|---|
| **Icyiciro cya 2: Imikorere y'inzego z'ubuyobozi za RP** | **Section 2: Functioning of management organs of RP** | **Section 2: Fonctionnement des organes de direction de la RP** |
| **Ingingo ya 33: Imikorere y'inzego** | **Article 33: Functioning of organs** | **Article 33: Fonctionnement des organes** |
| **Icyiciro cya 3: Abakozi** | **Section 3: Staff** | **Section 3: Personnel** |
| **Ingingo ya 34: Abakozi ba RP n'uko bashyirwaho** | **Article 34: Staff of RP and its recruitment** | **Article 34: Personnel de la RP et son recrutement** |
| **UMUTWE WA IV: KWEMERERWA, UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'UMUNYESHURI** | **CHAPTER IV: STUDENT ADMISSION, RIGHTS AND OBLIGATIONS** | **CHAPITRE IV: ADMISSION, DROITS ET OBLIGATIONS DE L'ÉTUDIANT** |
| **Ingingo ya 35: Umunyeshuri wa RP** | **Article 35: Student of RP** | **Article 35: Étudiant de la RP** |
| **Ingingo ya 36: Ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe kwiga** | **Article 36: Requirements for admission** | **Article 36: Conditions d'admission** |
| **Ingingo ya 37: Inshingano n'uburenganzira by'umunyeshuri** | **Article 37: Obligations and rights of a student** | **Article 37: Obligations et droits d'un étudiant** |
| **UMUTWE WA V: UMUTUNGO** | **CHAPTER V: PROPERTY** | **CHAPITRE V: PATRIMOINE** |
| **Ingingo ya 38: Umutungo n'inkomoko yawo** | **Article 38: Property and its sources** | **Article 38: Patrimoine et ses sources** |
| **UMUTWE WA VI: INGINGO IZIGAMA N'IZISOZA** | **CHAPTER VI: SAVING AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DE SAUVEGARDE ET FINALES** |
| **Ingingo ya 39: Ingingo y'ururimi** | **Article 39: Language provision** | **Article 39: Disposition linguistique** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 40</u>: Ingingo izigama ikanavanaho**<br><br>**<u>Ingingo ya 41</u>: Gutangira gukurikizwa** | **<u>Article 40</u>: Saving and repealing provision**<br><br>**<u>Article 41</u>: Entry into force** | **<u>Article 40</u>: Disposition de sauvegarde et abrogatoire**<br><br>**<u>Article 41</u>: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO N° 054/2024 RYO KU WA 07/06/2024 RIGENGA POLITEKINIKI Y'U RWANDA** | **LAW N° 054/2024 OF 07/06/2024 GOVERNING RWANDA POLYTECHNIC** | **LOI N° 054/2024 DU 07/06/2024 RÉGISSANT LA POLYTECHNIQUE DU RWANDA** |
| **Twebwe, KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République; |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA** | **THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA** | **LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA** |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:** | **THE PARLIAMENT:** | **LE PARLEMENT:** |
| Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 30 Mata 2024; | The chamber of Deputies, in its sitting of 30 April 2024; | La Chambre des Députés, en sa séance du 30 avril 2024 ; |
| Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in its Article 64; | Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en son article 64 ; |
| Ishingiye ku Itegeko n° 10/2021 ryo ku wa 16/02/2021 rigena imitunganyirize y'uburezi cyane cyane mu ngingo yaryo ya 67; | Pursuant to Law n° 010/2021 of 16/02/2021 determining the organisation of education, especially in its Article 67; | Vu la Loi n°10/2021 du 16/02/2021 régissant l'organisation de l'enseignement, spécialement en son article 67; |
| Isubiye ku Itegeko n° 22/2017 ryo ku wa 30/05/2017 rishyiraho Ishuri Rikuru ry'u | Having reviewed Law n° 22/2017 of 30/05/2017 establishing Rwanda | Revu la Loi n° 22/2017 du 30/05/2017 portant création de l'Institution |

Rwanda ry'Imyuga n'Ubumenyingiro rikanagena inshingano, ububasha, imitunganyirize n'imikorere byaryo;

**YEMEJE:**

**<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigena intego, inshingano, ububasha, imitunganyirize n'imikorere bya Politekiniki y'u Rwanda, «RP» mu magambo ahinnye y`Icyongereza.

**<u>Ingingo ya 2</u>: Isobanura**

Muri iri tegeko:

(a) **«agashami»** bivuga urwego rw'ibanze rwa koleji rushinzwe gutunganya imirimo y'inyigisho, iy'ubushakashatsi n'iyo gufasha abaturage mu bibazo binyuranye;

(b) «**ikigo cyigisha kikanakora ubushakashatsi gishamikiye kuri RP»** bivuga ikigo gishamikiye kuri RP

Polytechnic Higher Learning Institution and determining its mission, powers, organisation and functioning;

**ADOPTS:**

**<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISIONS**

**<u>Article One</u>: Purpose of this Law**

This Law determines the mission, responsibilities, powers, organisation and functioning of Rwanda Polytechnic abbreviated as «RP».

**<u>Article 2</u>: Interpretation**

In this Law:

(a) **"department"** means a college basic organ responsible for organizing academic and research activities and those aimed at helping to solve the various problems facing the community;

(b) **"RP-affiliated teaching and research institute"** means a centre affiliated to RP with administrative

d'Enseignement Supérieur Polytechnique du Rwanda et déterminant ses missions, ses pouvoirs, son organisation et son fonctionnement;

**ADOPTE:**

**<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**<u>Article premier</u>: Objet de la présente loi**

La présente loi détermine la mission, les attributions, les pouvoirs, l'organisation et le fonctionnement de la Polytechnique du Rwanda, « RP » en sigle anglais.

**<u>Article 2</u>: Interprétation**

Dans la présente loi:

(a) **«département»** signifie un organe de base au sein d'un collège chargé d'organiser les activités académiques, de recherche et celles visant à aider à la résolution de différents problèmes auxquels la communauté fait face;

(b) « **institut d'enseignement et de recherche affilié à la RP »** signifie un institut qui est

| | | |
|---|---|---|
| cyigenga mu byerekeye imiyoborere n'imari ariko kigengwa na RP mu byerekeye imyigishirize n'itangwa ry'impamyabumenyi n'impamyabushobozi; | and financial autonomy but under the supervision of RP in relation to academic affairs and the awarding of degrees and certificates; | administrativement et financièrement indépendant mais qui reste sous l'autorité de la RP en ce qui concerne les affaires académiques et l'octroi de diplômes et certificats; |
| (c) **«ikigo cy'icyitegererezo»** bivuga ikigo gishamikiye kuri Koleji imwe cyangwa gihuriweho na Koleji nyinshi gifite intego y'ibanze yo gukora ubushakashatsi, guhanga udushya cyangwa gutanga amasomo y'inyigisho mbonezamwuga; | (c) **"centre of excellence"** means a centre affiliated to one or more colleges whose primary mission is research, innovation or professional training; | (c) « **centre d'excellence »** signifie un centre affilié à un ou plusieurs collèges dont la mission première est la recherche, l'innovation ou la formation professionnelle; |
| (d) **«inyigisho z'imyuga n'ubumenyingiro »** bivuga inyigisho zitanga ubumenyingiro n'ubushobozi byihariye bifasha ubihawe kugira ubushobozi bwo kwihangira imirimo no gupiganwa ku isoko ry'umurimo; | (d) **"technical and vocational education"** means education which equips beneficiaries with specific practical knowledge and skills that enable them to create jobs and compete on the labour market; | (d) **«enseignement technique et professionnel»** signifie formation qui offre des connaissances et aptitudes techniques spécifiques permettant au bénéficiaire de créer des emplois et d'être compétitif au marché du travail ; |
| (e) «**ishami**» bivuga urwego rwa koleji rugizwe n'udushami dutandukanye kandi rutanga inyigisho zihariye z'imyuga n'ubumenyingiro; | (e) **"school"** means an organ of a college made up of different departments offering specialized technical and vocational education programmes; | (e) **«école»** signifie un organe d'un collège composé de différents départements dispensant des programmes spécialisés d'enseignement technique et professionnel; |
| (f) **«koleji»** bivuga urwego rwa RP | (f) **"college"** means an organ of RP | (f) « **collège »** signifie un organe de la |

| | | |
|---|---|---|
| rugizwe n'amashami cyangwa udushami kandi rushobora no kugira ibigo by'icyitegererezo; | comprised of schools or departments and which may also have excellence centres; | RP composé d'écoles ou de départements et qui peut également disposer de centres d'excellence; |
| (g) **« Minisitiri »** bivuga Minisitiri ufite amashuri makuru mu nshingano. | (g) **"Minister"** means Minister in charge of higher education. | (g) **«Ministre»** signifie Ministre ayant l'enseignement supérieur dans ses attributions. |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Ubuzimagatozi n'ubwisanzure** | **<u>Article 3</u>: Legal personality and autonomy** | **<u>Article 3</u>: Personnalité juridique et autonomie** |
| RP ifite ubuzimagatozi, ubwigenge n'ubwisanzure mu miyoborere, mu myigishirize, mu bushakashatsi no mu micungire y'imari, umutungo n'abakozi byayo. | RP has legal personality and enjoys administrative, academic, research, and financial, property and human resource management autonomy. | La RP est dotée de la personnalité juridique et jouit de l'autonomie administrative, académique, de recherche et de gestion financière, du patrimoine et des ressources humaines. |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Urwego rureberera RP** | **<u>Article 4</u>: Supervising organ of RP** | **<u>Article 4</u>: Organe de tutelle de la RP** |
| RP irebererwa na Minisiteri ifite amashuri makuru mu nshingano. | RP is supervised by the Ministry in charge of higher education. | La RP est placée sous la tutelle du Ministère ayant l'enseignement supérieur dans ses attributions. |
| **<u>Ingingo ya 5</u>: Icyicaro** | **<u>Article 5</u>: Head Office** | **<u>Article 5</u>: Siège** |
| Icyicaro cya RP kiri mu Mujyi wa Kigali. Gishobora kwimurirwa ahandi mu Rwanda igihe bibaye ngombwa, byemejwe n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe. | The head office of RP is located in the City of Kigali. It may be transferred elsewhere on the territory of Rwanda if considered necessary, upon approval by an Order of the Prime Minister. | Le siège de la RP est établi dans la Ville de Kigali. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire du Rwanda, après approbation par arrêté du Premier Ministre. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Koleji n'aho zikorera** | **<u>Article 6</u>: Colleges and their locations** | **<u>Article 6</u>: Collèges et leurs emplacements** |
| (1) RP igizwe na Koleji zikurikira: | (1) RP comprises the following colleges: | (1) La RP est composée des collèges suivants: |
| (a) Koleji ya Gishari ikorera mu karere ka Rwamagana; | (a) Gishari College operating within Rwamagana District; | (a) Collège de Gishari opérant dans le District de Rwamagana ; |
| (b) Koleji ya Huye ikorera mu karere ka Huye; | (b) Huye College operating within Huye District; | (b) Collège de Huye opérant dans le District de Huye ; |
| (c) Koleji ya Karongi ikorera mu karere ka Karongi; | (c) Karongi College operating within Karongi District; | (c) Collège de Karongi opérant dans le District de Karongi ; |
| (d) Koleji ya Kigali ikorera mu karere ka Kicukiro; | (d) Kigali College operating within Kicukiro District; | (d) Collège de Kigali opérant dans le District de Kicukiro ; |
| (e) Koleji ya Kitabi ikorera mu karere ka Nyamagabe; | (e) Kitabi College operating within Nyamagabe District; | (e) Collège de Kitabi opérant dans le District de Nyamagabe ; |
| (f) Koleji ya Musanze ikorera mu karere ka Musanze; | (f) Musanze College operating within Musanze District; | (f) Collège de Musanze opérant dans le District de Musanze ; |
| (g) Koleji ya Ngoma ikorera mu karere ka Ngoma; | (g) Ngoma College operating within Ngoma District; | (g) Collège de Ngoma opérant dans le District de Ngoma ; |
| (h) Koleji ya Tumba ikorera mu karere ka Rulindo. | (h) Tumba College operating within Rulindo District. | (h) Collège de Tumba opérant dans le District de Rulindo. |
| (2) Koleji ishobora gukorera bimwe mu bikorwa byayo ahandi hatari ahavugwa mu gika cya (1) cy'iyi | (2) A College may carry out some of its activities in a location other than the one referred to in Paragraph (1) | (2) Un collège peut exercer certaines de ses activités dans un lieu autre que celui visé au paragraphe (1) du |

| | | |
|---|---|---|
| ngingo byemejwe n'urwego rureberera RP. | of this Article upon approval by the supervising organ of RP. | présent article, sur approbation de l'organe de tutelle de la RP. |
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Imiterere ya Koleji** | **<u>Article 7</u>: Structure of a college** | **<u>Article 7</u>: Structure d'un collège** |
| Koleji igizwe n'udushami. Ishobora kugira kandi ishami n'ikigo-cy'icyitegererezo. | A college is composed of departments. It may also have a school and a centre of excellence. | Un collège est composé de départements. Il peut également avoir une école et un centre d'excellence. |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Gufungura, gufunga cyangwa kwimurira ahandi koleji, ishami, agashami cyangwa ikigo kigisha kigakora n'ubushakashatsi.** | **<u>Article 8</u>: Establishing, closing or relocating a college, school, department or teaching and research institute** | **<u>Article 8</u>: Ouverture, fermeture ou délocalisation d'un collège, d'une école, d'un département ou d'un institut d\`enseignement et de recherche** |
| Iteka rya Minisitiri rishobora gufungura, gufunga cyangwa kwimurira ahandi koleji, ishami, agashami cyangwa ikigo cyigisha kigakora n'ubushakashatsi bya RP bimaze kwemezwa n'Ikigo gishinzwe Amashuri Makuru. | An order of the Minister may establish, close or relocate a college, a school, a department or a teaching and research institute of RP upon approval by the Higher Education Counsil. | Un arrêté du Ministre peut ouvrir, fermer ou délocaliser un collège, une école, un département ou un institut d\`enseignement et de recherche de la RP après approbation par le Conseil de l'enseignement supérieur. |
| **<u>Ingingo ya 9:</u> Ubuyobozi bwa koleji** | **<u>Article 9</u>: Management of colleges** | **<u>Article 9</u>: Direction des collèges** |
| (1) Koleji iyoborwa n'Umuyobozi ikagira n'Umuyobozi wungirije. | (1) A college is headed by a Principal and has a Deputy Principal. | (1) Un collège est dirigé par un Directeur et a un Directeur adjoint. |
| (2) Iteka rya Perezida rishyiraho Umuyobozi n'Umuyobozi wungirije. | (2) The Principal and Deputy Principal are appointed by a Presidential Order. | (2) Le Directeur et le Directeur adjoint sont nommés par arrêté présidentiel. |
| (3) Umuyobozi, n'Umuyobozi wungirije bagira manda y'imyaka itanu ishobora kongerwa inshuro | (3) The Principal and Deputy Principal serve a term of five years, renewable once. | (3) Le Directeur et le Directeur adjoint ont un mandat de cinq ans, renouvelable une fois. |

| | | |
|---|---|---|
| imwe.<br><br>(4) Amategeko ngengamikorere agena uburyo abandi bayobozi n'abayobozi bungirije b'inzego z'imyigishirize n'ubushakashatsi zigize koleji bashyirwaho. | (4) The Internal Rules and Regulations determine modalities for the appointment of other heads and deputy heads of academic and research organs within a college. | (4) Le règlement intérieur détermine les modalités de nomination des autres chefs et chefs adjoints des organes académiques et de recherche au sein du collège. |
| **<u>UMUTWE WA II</u>: INTEGO, INSHINGANO N'UBUBASHA** | **<u>CHAPTER II</u>: MISSION, RESPONSIBILITIES AND POWERS** | **<u>CHAPITRE II</u>: MISSION, ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS** |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Intego** | **<u>Article 10</u>: Mission** | **<u>Article 10</u>: Mission** |
| Intego ya RP ni ukugira uruhare mu iterambere binyuze mu gutanga uburezi bufite ireme mu bijyanye n'ubumenyingiro, gukora ubushakashatsi no guhanga udushya hagamijwe guhanga imirimo, guteza imbere ikoranabuhanga n'ubunyamwuga. | The mission of RP is to contribute to societal development through quality vocational education, research and innovation towards job creation and technological and professional advancement. | La RP a pour mission de contribuer au développement à travers l'enseignement professionnel de qualité, la recherche et l'innovation en vue de la création d'emplois et de l'avancement technologique et professionnel. |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Inshingano** | **<u>Article 11:</u> Responsibilities** | **<u>Article 11</u>: Attributions** |
| RP ifite inshingano zikurikira: | RP has the following responsibilities: | La RP a les attributions suivantes: |
| (a) gutegura porogaramu z'amasomo zemezwa n'ikigo gishinzwe amashuri makuru; | (a) to develop curricula to be approved by the Higher Education Council; | (a) élaborer les programmes académiques qui doivent être approuvés par le Conseil de l'enseignement supérieur; |
| (b) gutanga inyigisho z'imyuga n'ubumenyingiro zisozwa n'impamyabushobozi cyangwa | (b) to offer technical and vocational courses leading to the award of certificates or degrees that it is | (b) dispenser des cours techniques et professionnels sanctionnés par des certificats ou des diplômes qu'elle |

| | | |
|---|---|---|
| impamyabumenyi yemerewe gutanga; | authorised to award; | est autorisée à décerner; |
| (c) gutanga amahugurwa y'igihe gito mu byerekeye imyuga n'ubumenyingiro; | (c) to offer short-term technical and vocational training; | (c) dispenser une formation technique et professionnelle de courte durée; |
| (d) gutangaza no kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi; | (d) to publish and disseminate research findings; | (d) publier et disséminer les résultats de recherche; |
| (e) kugira uruhare mu kuvumbura, guhanahana no kubungabunga ubumenyi; | (e) to participate in the discovery, exchange, and preservation of knowledge; | (e) participer à la découverte, à l'échange et à la préservation des connaissances ; |
| (f) gutanga ubumenyi, hakoreshejwe uburyo bw'imbonankubone, iyakure cyangwa byombi no guteza imbere ikoranabuhanga no guhanga udushya; | (f) to impart knowledge through face-to-face learning, e-learning or blended mode of teaching and promote technology and innovation; | (f) dispenser des connaissances à travers l'enseignement en face-à-face, à distance ou mixte et promouvoir la technologie et l'innovation; |
| (g) gutanga ubumenyi bukenewe bwo kwigisha no gutoza imyuga n'ubumenyingiro; | (g) to impart knowledge required to provide technical and vocational education and training; | (g) offrir des connaissances nécessaires à l'enseignement et à l'apprentissage techniques et professionnels; |
| (h) guteza imbere uburere, umuco n'indangagaciro za kinyarwanda; | (h) to promote Rwandan education, culture and values; | (h) promouvoir l'éducation, la culture et les valeurs rwandaises; |
| (i) kugira uruhare mu gukemura ibibazo birebana n'iterambere ry'Igihugu; | (i) to contribute to solving issues related to national development; | (i) contribuer à la résolution des problèmes liés au développement national; |
| (j) guteza imbere abarimu | (j) to develop teaching and research | (j) promouvoir le personnel |

| | | |
|---|---|---|
| n'abashakashatsi, kubongerera ubumenyi n'ubushobozi no kunoza imicungire yabo; | staff, upgrade their knowledge and skills, and improve their management; | enseignant et de recherche, renforcer ses connaissances et aptitudes et améliorer sa gestion; |
| (k) gukora no guteza imbere ubushakashatsi bw'ibanze n'ubushakashatsi ngiro butanga ibisubizo bishingiye ku ikoranabuhanga no guhanga ibishya; | (k) to carry out and promote fundamental and applied research for technological and innovative solutions; | (k) réaliser et promouvoir la recherche approfondie et appliquée pour des solutions technologiques et innovantes; |
| (l) gukorana n'izindi nzego bireba, zaba iza Leta, izigenga cyangwa abantu ku giti cyabo hagamijwe kunoza ireme ry'imyigishirize no gutanga ubumenyi n'ubumenyingiro bikenewe ku isoko ry'umurimo. | (l) to collaborate with other relevant organs public, private or individuals in order to improve education quality and impart knowledge and skills which respond to the market needs; | (l) collaborer avec d'autres organes compétents, publics, privés ou des particuliers afin d'améliorer la qualité de l'éducation d'aoir un impact sur les connaissances et les compétences qui répondent aux besoins du marché; |
| (m) gushyikirana no gukorana n'izindi nzego zo ku rwego rw'Igihugu, urw'akarere no ku rwego mpuzamahanga, by'umwihariko ibigo bifite mu nshingano kwigisha, guhanga udushya n'ubushakashatsi. | (m) to cooperate and collaborate with other national, regional and international institutions, especially institutions in charge of education, innovation and research. | (m) coopérer et collaborer avec d'autres institutions nationales, régionales ou internationales, en particulier les institutions chargées de l'éducation, de l'innovation et de la recherche. |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Ububasha** | **<u>Article 12</u>: Powers** | **<u>Article 12</u>: Pouvoirs** |
| RP ifite ububasha bukurikira: | RP has the following powers: | La RP a les pouvoirs suivants : |
| (a) gutanga impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi kuri | (a) to award degrees or certificates at levels and cycles of education it | (a) décerner des diplômes ou certificats à tous les niveaux et |

| | | |
|---|---|---|
| buri rwego n'icyiciro by'inyigisho itanga; | offers; | cycles d'enseignement dispensé; |
| (b) gutanga impamyabushobozi ku bantu basoza inyigisho z'igihe gito; | (b) to award certificates to people who complete short-term courses; | (b) décerner aux candidats les certificats sanctionnant les formations de courte durée; |
| (c) gushyiraho ibigenderwaho mu kwakira abanyeshuri; | (c) to define the admission criteria for students; | (c) fixer les critères d'admission des étudiants; |
| (d) kugirana amasezerano y'ubufatanye n'ubutwererane n'inzego za Leta, izigenga cyangwa abantu ku giti cyabo haba ku rwego rw'igihugu, urw'akarere no ku rwego mpuzamahanga hagamijwe guteza imbere uburezi, ubushakashatsi n'indi mirimo ifitiye abaturage akamaro; | (d) to enter into partnerships and cooperation agreements with organs, both public and private, or individuals at the national, regional and international levels to promote education, research and community services; | (d) conclure des accords de partenariat et de coopération avec les organes, tant publics que privés, ou les individus aux niveaux national, régional et international en vue de promouvoir l'éducation, la recherche et les services à la communauté; |
| (e) gutanga amashimwe n'ibihembo ku bikorwa ntangarugero; | (e) to award merit titles and ptizes for exemplary achievements; | (e) décerner des titres de mérite et des prix pour récompenser les réalisations exemplaires; |
| (f) gutanga impamyabumenyi z'icyubahiro no gushyira mu rwego rw'icyubahiro; | (f) to award honorary degrees and academic ranks; | (f) décerner des diplômes et des grades honorifiques; |
| (g) kuzamura mu ntera abarimu, abashakashatsi, abakozi bunganira mu myigishirize no mu bushakashatsi n'abakozi bo mu buyobozi hakurikijwe amategeko | (g) to promote academic staff, research staff, academic and research support staff and administrative staff in accordance with relevant legislation; | (g) promouvoir le personnel académique, le personnel de recherche, le personnel d'appui académique et à la recherche et le personnel administratif |

| | | |
|---|---|---|
| abigenga; | | conformément à la législation en la matière; |
| (h) gushyiraho amabwiriza yihariye agena uburyo bwo gutanga amasoko ya RP yerekeye imyigire, imyigishirize n'ubushakashatsi afite imiterere yihariye; | (h) to establish special regulations determining modalities of RP special procurement related to learning, teaching and research; | (h) établir des règlements particuliers déterminant les modalités de passation des marchés spéciaux de la RP relatifs à l'apprentissage, à l'enseignement et à la recherche; |
| (i) gukoresha ubumenyi n'ubunararibonye by'abakozi ba RP cyangwa b'irindi shuri rikuru rya Leta mu mirimo na servisi bya RP no kugena ibibagenerwa; | (i) to use the skills and expertise of staff of RP or of another public institution of higher learning in RP works and services and determine their remuneration; | (i) utiliser les compétences et l'expertise des membres du personnel de la RP ou d'un autre établissement public d'enseignement supérieur dans les travaux et services de la RP et fixer leur rémunération; |
| (j) gushyiraho sosiyete z'ubucuruzi no gushyiramo ishoramari rikenewe kugira ngo zitange umusaruro, bimaze kuganirwaho no kwemezwa n'inzego zibifitiye ububasha; | (j) to establish companies and avail needed investment for their successful operations after consultation with and approval by competent organs; | (j) créer des sociétés commerciales et prévoir l'investissement nécessaire à la réussite de leurs opérations après consultation et approbation des organes compétents; |
| (k) gukoresha sosiyete y'ubucuruzi ishamikiye kuri RP cyangwa ku rindi shuri rikuru rya Leta mu mirimo na serivisi bya RP ifitemo ubumenyi n'ubuzobere; | (k) to use a company affiliated to RP or to another public institution of higher learning in RP works and services falling in the field of its competency and expertise; | (k) faire appel à une société commerciale affiliée à la RP ou à un autre établissement public d'enseignement supérieur dans les travaux et services de la RP relevant de son champ de compétences et d'expertise; |

| | | |
|---|---|---|
| (l) gukora imirimo ibyara inyungu; | (l) to carry out income generating activities; | (l) mener des activités génératrices de revenus; |
| (m) gushyiraho inzego zihariye za tekiniki zishinzwe gucunga ibikorwa n'imishinga bya RP; | (m) to establish specialized technical units for management of activities and projects of RP; | (m) mettre en place des unités techniques spécialisés pour la gestion des activités et des projets de la RP; |
| (n) gushyiraho no gushyigikira ibikorwa bitandukanye bigamije guteza imbere imibereho myiza y'abakozi n'abanyeshuri ba RP, harimo ubwishingizi bwo kwivuza buhuriweho n'abakozi n'abanyeshuri ba RP; | (n) to establish and support various schemes and initiatives meant to enhance the welfare of RP staff and students, including medical insurance scheme common to RP staff and students; | (n) établir et soutenir différents régimes et initiatives visant l'amélioration du bien-être du personnel et des étudiants de la RP, y compris le régime d'assurance-maladie commun au personnel et aux étudiants de la RP; |
| (o) gushyiraho politiki n'amategeko ngengamikorere bya RP. | (o) to establish policies and internal rules and regulations of RP. | (o) établir les politiques et le règlement intérieur de la RP. |
| **UMUTWE WA III: IMITUNGANYIRIZE N' IMIKORERE** | **CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING** | **CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT** |
| **Icyiciro cya mbere: Inzego z'ubuyobozi za RP** | **Section One*:* Management organs of RP** | **Section première: Organes de direction de la RP** |
| **Ingingo ya 13: Inzego z'ubuyobozi za RP** | **Article 13: Management organs of RP** | **Article 13: Organes de direction de la RP** |
| (1) Inzego z'ubuyobozi za RP ni izi zikurikira: | (1) The management organs of RP are the following: | (1) Les organes de direction de la RP sont les suivants: |
| (a) Ubuyobozi bw'Icyubahiro; | (a) Chancellery; | (a) Chancellerie; |

| | | |
|---|---|---|
| (b) Inama Nkuru y'Ubuyobozi; | (b) Board of Governors; | (b) Conseil supérieur de direction; |
| (c) Urwego Nshingwabikorwa; | (c) Executive Organ; | (c) Organe exécutif; |
| (d) Urwego rushinzwe imyigire n'imyigishirize; | (d) Academic Senate; | (d) Sénat académique; |
| (e) Komite Nkuru y'Ubuyobozi. | (e) Senior Management Committee. | (e) Comité supérieur de direction. |
| (2) Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kugena izindi nzego z'ubuyobozi za ngombwa kugira ngo RP ishobore kurangiza neza inshingano zayo, rikanagena imiterere, inshingano n'imikorere yazo. | (2) An Order of the Prime Minister may determine other management organs required for RP to discharge its responsibilities as well as their structure, responsibilities and functioning. | (2) Un arrêté du Premier Ministre peut déterminer d'autres organes de direction nécessaires à l'accomplissement des attributions de la RP, ainsi que leur structure, leurs attributions et leur fonctionnement. |
| **<u>Akiciro ka mbere:</u> Ubuyobozi bw'Icyubahiro** | **<u>Sub section One</u>: Chancellery** | **<u>Sous section première</u>: Chancellerie** |
| **<u>Ingingo ya 14:</u> Ubuyobozi bw'icyubahiro n'uko bushyirwaho** | **<u>Article 14</u>: Chancellery and its appointment** | **<u>Article 14</u>: Chancellerie et sa mise en place** |
| Ubuyobozi bw'Icyubahiro bwa RP bugizwe n'Umuyobozi w'Icyubahiro ushyirwaho n'Iteka rya Perezida. | The Chancellery of RP consists of a Chancellor appointed by a Presidential Order. | La Chancellerie de la RP est constituée d'un Chancelier nommé par arrêté présidentiel. |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Inshingano z'Umuyobozi w'Icyubahiro** | **<u>Article 15</u>: Responsibilities of the Chancellor** | **<u>Article 15</u>: Attributions du Chancelier** |
| Umuyobozi w'Icyubahiro ashinzwe kuyobora imihango yo gutangiza umwaka w'amashuri, gutanga impamyabumenyi, | The Chancellor is responsible for presiding over opening ceremonies of the academic year, graduation ceremonies and awarding | Le Chancelier est chargé de diriger les cérémonies d'ouverture de l'année académique, de collation de grades |

impamyabushobozi n'andi mashimwe. Ashobora kandi kwitabira indi mihango cyangwa inama mu gihe bibaye ngombwa. Icyakora mu mihango yo gutanga impamyabumenyi, impamyabushobozi n'andi mashimwe, iyo Umuyobozi w'Icyubahiro adahari asimburwa na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubuyobozi, ataboneka agasimburwa na Visi Perezida wayo, iyo abo bombi batabonetse, asimburwa n'Umuyobozi Mukuru.

**Akiciro 2: Inama Nkuru y'Ubuyobozi**

**Ingingo ya 16: Abagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi na manda yabo**

(1) Inama Nkuru y'Ubuyobozi igizwe n'aba bakurikira:

(a) abantu icyenda baturutse hanze ya RP, barimo Perezida na Visi Perezida, abahanga mu myigishirize y'amashuri makuru, mu by'imari n'imicungire by'amashuri makuru, mu by'ubushakashatsi no guhanga udushya, abikorera n'izindi nzego zijyanye n'iterambere ry'Igihugu;

of other merit titles. He or she may also attend other events or meetings when considered necessary. However, in the Chancellor's absence during graduation ceremonies and awarding of other merit titles, he or she is replaced by the Chairperson of the Board of Governors, or in the absence of the latter by the Vice Chairperson, or in the absence of both, by the Vice Chancellor.

**Sub section 2: Board of Governors**

**Article 16: Composition of the Board of Governors and term of office**

(1) The Board of Governors is composed by the following members:

(a) nine members from outside RP, including the Chairperson and the Deputy Chairperson, experts in higher learning education, finance and management of higher learning institutions, research and innovation, private sector and other sectors relevant to the development of the country;

académiques et de décernement d'autres titres de mérite. Il peut également, en cas de besoin, assister à d'autres événements ou réunions. Toutefois, en cas d'absence du Chancelier dans les cérémonies de collation de grades académiques et de décernement d'autres titres de mérite, il est remplacé par le Président du Conseil supérieur de direction ou en l'absence de ce dernier par le Vice-président, ou en l'absence des deux, par le Vice-chancelier.

**Sous-section 2: Conseil supérieur de direction**

**Article 16: Composition du Conseil supérieur de direction et mandat**

(1) Le Conseil supérieur de direction est composé des membres suivants:

(a) neuf membres externes à la RP, dont le Président et le Vice-président, des experts en enseignement supérieur, en finances et en gestion des établissements d'enseignement supérieur, en recherche et en innovation, les membres du secteur privé et d'autres secteurs pertinents pour le développement du pays;

| | | |
|---|---|---|
| (b) Umuyobozi Mukuru wa RP, ari na we mwanditsi wayo; | (b) the Vice Chancellor of RP, who is also the Rapporteur of the Board; | (b) le Vice-chancelier de la RP, qui est aussi le rapporteur du Conseil; |
| (c) umuyobozi wa koleji umwe utorwa na bagenzi be; | (c) one principal of college elected by peers; | (c) un directeur de collège, élu par ses pairs; |
| (d) umuyobozi umwe wa koleji wungirije ushinzwe amasomo utorwa na bagenzi be; | (d) one Deputy Principal in charge of academics elected by peers; | (d) un Directeur adjoint de collège chargé des affaires académiques, élu par ses pairs; |
| (e) umuyobozi w'agashami umwe utorwa n'inteko itora igizwe n'umuyobozi w'agashami umwe uturuka muri buri koleji watowe na bagenzi be; | (e) one Head of Department elected by an electoral college composed of one Head of Department from each college elected by peers; | (e) un Chef de département, élu par un collège électoral composé d'un chef de département issu de chaque collège élu par ses pairs; |
| (f) umuyobozi w'ikigo cy'icyitegererezo cyangwa w'ikigo cyigisha kigakora n'ubushakashatsi gishamikiye kuri RP utorwa na bagenzi be; | (f) the Director of a centre of excellence or an RP-affiliated teaching and research institute elected by peers; | (f) le Directeur d'un centre d'excellence ou d'un institut d'enseignement et de recherche affilié à la RP; |
| (g) umwarimu cyangwa umushakashatsi umwe utorwa n'inteko itora igizwe n'umwarimu cyangwa umushakashatsi umwe uturuka muri buri koleji watowe na bagenzi be; | (g) one academic or research staff member elected by an electoral college composed of one academic or research staff member from each college, elected by peers; | (g) un membre du personnel académique ou de recherche, élu par un collège électoral composé d'un membre du personnel académique ou de recherche issu de chaque collège, élu par ses pairs; |
| (h) umukozi wo mu buyobozi umwe utorwa n'inteko itora igizwe | (h) one administrative staff member elected by an electoral | (h) un membre du personnel administratif, élu par un collège |

| | | |
|---|---|---|
| n'umukozi wo mu buyobozi umwe uturuka muri buri koleji watowe na bagenzi be. | college composed of one administrative staff member from each college, elected by peers. | électoral composé d'un membre du personnel administratif de chaque collège, élu par ses pairs. |
| (2) Nibura 30% by'abagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore. | (2) At least 30% of members of the Board of Governors must be female. | (2) Au moins 30% des membres du Conseil supérieur de direction doivent être de sexe féminin. |
| (3) Abayobozi Bakuru bungirije bitabira inama y'Inama y'Ubuyobozi ariko ntibatora mu gihe cy'ifatwa ry'ibyemezo. | (3) Deputy Vice Chancellors participate in the meeting of the Board of Governors with no voting rights when decisions are taken. | (3) Les Vice-chanceliers adjoints participent à la réunion du Conseil supérieur de direction mais n'ont pas droit de vote en cas de prise de décision. |
| (4) Uretse abagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi kubera imirimo y'ubuyobozi bashinzwe, abandi bagira manda y'imyaka ine ishobora kongerwa inshuro imwe. | (4) Except for ex-officio members of the Board of Governors, other members have a four-year term of office which may be renewed once. | (4) À l'exception des membres d'office du Conseil supérieur de direction, les autres membres ont un mandat de quatre ans qui peut être renouvelé une fois. |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Inshingano z'Inama Nkuru y'Ubuyobozi** | **<u>Article 17</u>: Responsibilities of Board of Governors** | **<u>Article 17</u>: Attributions du Conseil supérieur de direction** |
| (1) Inama Nkuru y'Ubuyobozi ya RP ifite inshingano zikurikira: | (1) The Board of Governors has the following responsibilities: | (1) Le Conseil supérieur de direction a les attributions suivantes: |
| (a) kugena icyerekezo cya RP; | (a) to determine the vision of RP; | (a) déterminer la vision de la RP; |
| (b) kwemeza igenamigambi ry'igihe kirekire na gahunda y'ibikorwa bya buri mwaka; | (b) to approve the strategic plan and the annual action plan; | (b) approuver le plan stratégique et le plan d'action annuel; |

| | | |
|---|---|---|
| (c) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry’igenamigambi ry’igihe kirekire na gahunda y’ibikorwa bya buri mwaka bya RP; | (c) to monitor the implementation of the strategic plan and the annual action plan of RP; | (c) faire le suivi de la mise en exécution du plan stratégique et le plan d’action annuel de la RP; |
| (d) kwemeza politiki n’amategeko ngengamikorere bya RP; | (d) to approve policies and internal rules and regulations of RP; | (d) approuver les politiques et le règlement intérieur de la RP; |
| (e) kwemeza imbanzirizamushinga y’ingengo y’imari ya buri mwaka mbere yo kuyishyikiriza inzego zibishinzwe; | (e) to approve the draft annual budget proposal before its submission to relevant organs; | (e) approuver l’avant-projet de budget annuel avant de le soumettre aux organes compétents; |
| (f) gukurikirana no gusuzuma imikorere ya RP n’ibigo biyishamikiyeho; | (f) to monitor and assess the performance of RP and its affiliated entities; | (f) faire le suivi et l’évaluation de la performance de la RP et des entités affiliées; |
| (g) kwemeza raporo y’ibikorwa na raporo y’imikoreshereze y’imari n’umutungo by’umwaka urangiye no kuzishyikiriza inzego bireba; | (g) to approve the activity and financial reports of the previous year and submit them to the relevant organs; | (g) approuver les rapports d’activités et financier de l’année précédente et les soumettre aux organes concernés; |
| (h) kugena imikorere ya koleji, ishami, agashami n’ikigo cyigisha kikanakora ubushakashatsi gishamikiye kuri RP. | (h) to determine the functioning of a college, a school, a department and an RP-affiliated teaching and research institute; | (h) déterminer le fonctionnement d’un collège, d’une école, d’un département et d’un institut d’enseignement et de recherche affilié à la RP; |
| (i) kwemeza ishyirwaho, izamurwa mu ntera n’iyirukanwa ry’abarimu, abashakashatsi, abakozi bunganira mu myigishirize no mu bushakashatsi n’abakozi bo mu | (i) to approve the appointment, promotion and dismissal of academic staff, research staff, academic and research support staff, and administrative staff; | (i) approuver la nomination, la promotion et la révocation des membres du personnel académique, du personnel de recherche, du personnel d’appui |

| | | |
|---|---|---|
| buyobozi; | | académique et à la recherche et du personnel administratif; |
| (j) kugira uruhare mu gushaka abafatanyabikorwa n'ubushobozi bwo guteza imbere RP; | (j) to contribute to the mobilization of partners and resources for the development of RP; | (j) participer à la mobilisation des partenaires et des ressources pour le développement de la RP; |
| (k) gushyiraho amabwiriza yihariye agena uburyo bwo gutanga amasoko ya RP afite imiterere yihariye, yerekeye imyigire, imyigishirize n'ubushakashatsi; | (k) to establish special regulations determining modalities of RP special procurement related to learning, teaching and research; | (k) établir le règlement spécial déterminant les modalités de passation de marchés spéciaux de la RP liés à l'apprentissage, à l'enseignement et à la recherche; |
| (l) gushyiraho amabwiriza agena uburyo bwo gukoresha ubumenyi n'ubunararibonye by'abakozi ba RP cyangwa irindi shuri rikuru rya Leta mu mirimo na serivisi bya RP no kugena ibibagenerwa; | (l) to establish regulations determining modalities for using the skills and expertise of staff of RP or another public institution of higher learning in RP works and services and determine their benefits; | (l) établir le règlement déterminant les modalités d'utilisation des compétences et de l'expertise du personnel de la RP ou d'un autre établissement public d'enseignement supérieur dans les travaux et services de la RP et déterminer ses avantages; |
| (m) gushyiraho amabwiriza agena uburyo bwo gukoresha sosiyete y'ubucuruzi ishamikiye kuri RP cyangwa ku rindi shuri rikuru rya Leta mu mirimo na serivisi bya RP ifitemo ubumenyi n'ubuzobere; | (m) to establish regulations determining modalities for using a company affiliated to RP or to another public institution of higher learning in RP works and services falling in its field of competency and expertise; | (m) établir le règlement déterminant les modalités d'utilisation d'une société commerciale affiliée à la RP ou à un autre établissement public d'enseignement supérieur dans les travaux et services de la RP relevant de son champ de compétence et d'expertise; |
| (n) kwemeza imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya RP imaze | (n) to approve RP organisational structure after consulting its | (n) approuver la structure organisationnelle de la RP après |

| | | |
|---|---|---|
| kugisha inama urwego ruyireberera; | supervising organ; | consultation de son organe de tutelle; |
| (o) gushyiraho komite zo kuyunganira no kuyigira inama mu ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano zayo igihe bibaye ngombwa. | (o) to establish committees to assist it and advise in carrying out its functions where necessary. | (o) constituer des comités pour l'assister et le conseiller dans l'exercice de ses fonctions, le cas échéant. |
| (2) Inama Nkuru y'Ubuyobozi ishobora gutanga ububasha ku zindi nzego za RP bwo gukora zimwe mu nshingano zayo. | (2) The Board of Governors may delegate its powers to other organs of RP for discharging some of its responsibilities. | (2) Le Conseil supérieur de direction peut déléguer ses pouvoirs à d'autres organes de la RP pour s'acquitter de certaines de ses responsabilités. |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Ububasha bw'Inama Nkuru y'Ubuyobozi** | **<u>Article 18</u>: Powers of the Board of Governors** | **<u>Article 18</u>: Pouvoirs du Conseil supérieur de direction** |
| Inama Nkuru y'ubuyobozi ifite ububasha bwo gufata ibyemezo ngenderwaho mu byerekeye ubuyobozi n'imiyoborere, abakozi n'imicungire y'imari n'umutungo kugira ngo RP ishobore kugera ku nshingano zayo. | The Board of Governors has powers to make strategic decisions regarding administration and governance, human resources as well as financial and property management for RP to fulfil its responsibilities. | Le Conseil supérieur de direction a les pouvoirs de prise de décision stratégique concernant l'administration et la gouvernance, les ressources humaines ainsi que la gestion financière et du patrimoine afin que la RP puisse s'acquitter de ses responsabilités. |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi** | **<u>Article 19</u>: Incompatibilities with membership of the Board of Governors** | **<u>Article 19</u>: Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil supérieur de direction** |
| Abagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane, ntibemerewe gupiganira amasoko atangwa na RP. | Members of the Board of Governors, either individually or through companies of which they are shareholders, are not authorized to bid for tenders of RP. | Les membres du Conseil supérieur de direction ne sont pas autorisés, soit individuellement, soit par le biais des sociétés dont ils sont actionnaires, à |

| | | |
|---|---|---|
| | | soumissionner aux marchés de la RP. |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Impamvu zituma ugize Inama Nkuru y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya n'uko asimburwa** | **<u>Article 20</u>: Reasons for loss of membership of the Board of Governors and modalities for replacement** | **<u>Article 20</u>: Causes de perte de la qualité de membre du Conseil supérieur de direction et modalités de remplacement** |
| (1) Ugize Inama Nkuru y'Ubuyobozi ava kuri uwo mwanya iyo – | (1) A member of the Board of Governors loses membership if – | (1) Un membre du Conseil supérieur de direction cesse d'être membre lorsque – |
| (a) manda ye irangiye; | (a) his or her term of office expires; | (a) son mandat expire; |
| (b) yeguye akoresheje inyandiko; | (b) he or she resigns in writing; | (b) il démissionne par écrit; |
| (c) atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa bwo mu mutwe, byemejwe na muganga wemewe na Leta; | (c) he or she is unable to carry out his/her duties due to physical or mental incapacity ascertained by a recognized medical doctor; | (c) il est dans l'impossibilité de poursuivre ses fonctions due à l'incapacité physique ou mentale constatée par un médecin agréé; |
| (d) akatiwe burundu igihano kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu; | (d) he or she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six months; | (d) il est définitivement condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six mois; |
| (e) akuweho nk'umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi; | (e) he or she is removed from office as a member of the Board of Governors; | (e) il est révoqué de ses fonctions de membre du Conseil supérieur de direction; |
| (f) asibye inama inshuro eshatu zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro; | (f) he or she fails to attend three consecutive meetings without valid reasons; | (f) il s'absente à trois réunions consécutives sans raisons valables; |

| | | |
|---|---|---|
| (g) agaragaje imyitwarire yamutesha agaciro cyangwa yatesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego arimo; | (g) he or she manifests behaviours likely to compromise his or her dignity, that of the work or the position; | (g) il manifeste un comportement susceptible de compromettre sa dignité, celle de sa fonction ou celle de son rang; |
| (h) abangamira inyungu za RP; | (h) he or she jeopardizes the interests of RP; | (h) il compromet les intérêts de la RP; |
| (i) ahamwe n'icyaha cya jenoside, icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside cyangwa ibindi byaha bifitanye isano na yo; | (i) he or she is convicted of genocide, genocide ideology or other related crimes; | (i) il est reconnu coupable de crime de génocide, d'idéologie du génocide ou d'autres crimes connexes; |
| (j) atacyujuje impamvu zashingiweho ashyirwa muri uwo mwanya; | (j) he or she no longer fulfils the requirements considered at the time of his or her appointment; or | (j) il ne remplit plus les conditions pour lesquelles il avait été nommé; ou |
| (k) cyangwa apfuye. | (k) he or she dies. | (k) il décède. |
| (2) Iyo ugize Inama Nkuru y'Ubuyobozi avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura, akarangiza igihe cya manda y'uwo asimbuye. Icyakora, iyo hasigaye igihe kitarenze amezi atandatu ngo manda irangire, kandi kuva mu mwanya kwe kudatuma habura umubare wa ngombwa kugira ngo Inama Nkuru y'Ubuyobozi iterane, ugize Inama Nkuru y'Ubuyobozi wavuye mu mwanya ntasimburwa. | (2) When a member of the Board of Governors loses membership before the expiry of his or her term of office, the competent authority appoints a replacement who serves for the remainder of his or her predecessor's unexpired term. However, where the remainder of the term of office is not more than six months and such a loss of membership does not result in the absence of a quorum for meetings of the Board of Governors, such a member of the Board of Governors | (2) Lorsqu'un membre du Conseil supérieur de direction perd sa qualité de membre avant l'expiration de son mandat, l'autorité compétente procède à la nomination d'un remplaçant pour la durée du mandat de son prédécesseur restant à courir. Toutefois, si la durée du mandat restant à courir n'est pas supérieure à six mois et que cette perte de qualité de membre n'entraîne pas l'absence de quorum aux réunions du Conseil supérieur de direction, |

having lost membership is not replaced.

ce membre du Conseil supérieur de direction ayant perdu sa qualité de membre n'est pas remplacé.

**Ingingo ya 21: Itumizwa n'iterana ry'Inama y'Inama Nkuru y'Ubuyobozi n'ifatwa ry'ibyemezo**

(1) Inama Nkuru y'Ubuyobozi iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari, abyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu cy'abayigize.

(2) Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi 15 ngo inama iterane. Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu y'akazi kugira ngo iterane. Inama idasanzwe isuzuma gusa ingingo ziri ku murongo w'ibyigwa.

(3) Inama Nkuru y'Ubuyobozi iterana iyo hari nibura bibiri bya gatatu by'abayigize. Iyo umubare wa ngombwa utabonetse inama irasubikwa. Icyakora, iyo inama

**Article 21: Convening and holding of meetings of the Board of Governors and decision-making**

(1) The meeting of the Board of Governors is held once in a quarter and whenever necessary, convened by its Chairperson or, in his or her absence, by the Deputy Chairperson on his or her initiative or at the request in writing by at least one third of its members.

(2) The notice of the meeting is sent in writing to the members of the Board of Governors at least 15 days before the meeting is held. However, an extraordinary meeting is convened in writing at least three working days before the meeting is held. The extraordinary meeting considers only items on the agenda.

(3) The quorum required for a meeting of the Board of Governors is at least two-thirds of its members. Where the quorum is not reached, the meeting is postponed.

**Article 21: Convocation et tenue des réunions du Conseil supérieur de direction et prise de décisions**

(1) La réunion du Conseil supérieur de direction se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son président ou, en cas d'absence de celui-ci, de son vice-président, de sa propre initiative ou à la demande écrite d'au moins un tiers de ses membres.

(2) L'avis de convocation est adressé par écrit aux membres du Conseil supérieur de direction au moins 15 jours avant la tenue de la réunion. Toutefois, la réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins trois jours ouvrables avant sa tenue. La réunion extraordinaire n'examine que les points inscrits à l'ordre du jour.

(3) Le quorum requis pour la réunion du Conseil supérieur de direction est d`au moins deux tiers de ses membres. Lorsque le quorum n'est pas atteint, la réunion est reportée.

| | | |
|---|---|---|
| itumijwe ubwa kabiri umubare wa ngombwa ntuboneke iterana hatitawe ku mubare w'abayigize bitabiriye. | However, if the meeting is convened for a second time and the quorum is not reached, it is held regardless of the number of members present. | Toutefois, si la réunion est convoquée pour la deuxième fois et que le quorum n'est pas atteint, elle se tient quel que soit le nombre de membres présents. |
| (4) Mu byigwa n'Inama Nkuru y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka w'ingengo y'imari harimo kwemeza raporo y'imari n'iy'ibikorwa by'umwaka urangiye. | (4) Items to be considered by the Board of Governors in the first quarter of the fiscal year include the approval of financial and activity reports of the preceding year. | (4) Parmi les points à examiner par le Conseil supérieur de direction au cours du premier trimestre de l'année budgétaire figure l'approbation du rapport financier et du rapport d'activités de l'exercice précédent. |
| (5) Buri gihembwe kandi Inama Nkuru y'Ubuyobozi igomba gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa by'igihembwe kirangiye. | (5) Every quarter, the Board of Governors also examines the financial and activity reports of the preceding quarter. | (5) Chaque trimestre le Conseil supérieur de direction examine également le rapport financier et le rapport d'activités du trimestre précédent. |
| (6) Inama y'Inama Nkuru y'Ubuyobozi ifata ibyemezo ku bwumvikane busesuye. Iyo bidashobotse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abahari. | (6) The meeting of the Board of Governors takes its decisions by consensus. If no consensus is reached, decisions are taken by an absolute majority of votes of the members present. | (6) La réunion du Conseil supérieur de direction prend ses décisions par consensus. À défaut, les décisions sont prises à la majorité absolue des voix des membres présents. |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Itumira ry'undi muntu mu nama y'Inama Nkuru y'Ubuyobozi ya RP** | **<u>Article 22</u>: Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors of RP** | **<u>Article 22</u>: Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil supérieur de direction de la RP** |
| (1) Inama Nkuru y'Ubuyobozi ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese | (1) The Board of Directors can invite to its meeting any resource person it believes can advise it on any item on the agenda. | (1) Le Conseil supérieur de direction peut inviter à sa réunion toute personne ressource qu'il juge |

| | | |
|---|---|---|
| ibona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo iri ku murongo w'ibyigwa. | | capable de le conseiller sur un point quelconque à l'ordre du jour. |
| (2) Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana isuzumwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa. | (2) The person invited is neither allowed to vote nor to follow debates on other items on the agenda. | (2) La personne invitée n'est pas autorisée ni à voter ni à suivre les débats sur d'autres points à l'ordre du jour. |
| (3) Uwatumiwe mu nama y'Inama Nkuru y'Ubuyobozi abujijwe kumena ibanga ry'akazi ry'ibyo yamenyeye muri iyo nama. | (3) The person invited to the meeting of the Board of Directors is bound by professional secrecy with regard to any information he or she becomes aware during the meeting. | (3) La personne invitée à la réunion du Conseil supérieur de direction est tenue au secret professionnel quant aux informations dont elle a eu connaissance dans cette réunion. |
| **<u>Ingingo ya 23</u>: Inyungu bwite ku ngingo isuzumwa** | **<u>Article 23</u>: Personal interest in an item on the agenda** | **<u>Article 23</u>: Intérêt personnel dans un point à l'ordre du jour** |
| (1) Iyo ugize Inama Nkuru y'Ubuyobozi ya RP afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye ku ngingo isuzumwa, ahita amenyesha Inama Nkuru y'Ubuyobozi aho inyungu ye ishingiye. | (1) When a member of the Board of Directors of RP has a direct or indirect interest in the item to be considered, he or she immediately discloses to the Board of Directors where his or her interest lies. | (1) Lorsqu'un membre du Conseil supérieur de direction de la RP a un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner, il communique immédiatement au Conseil supérieur de direction de ce en quoi son intérêt réside. |
| (2) Ugize Inama Nkuru y'Ubuyobozi ya RP wamenyesheje cyangwa wamenyeshejwe inyungu bwite afite ku ngingo isuzumwa ntiyitabira inama isuzuma iyo ngingo. | (2) A member of the Board of Directors of RP who disclosed his or her personal interest in the item to be considered, or who has been informed of it, does not attend the meeting deliberating on that item. | (2) Un membre du Conseil supérieur de direction de la RP qui a déclaré son intérêt personnel dans un point à examiner ou qui en a été informé ne participe pas à la réunion délibérant sur ce point. |
| (3) Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa | (3) When it appears that all or most of | (3) Lorsqu'il apparaît que l'ensemble |

| | | |
|---|---|---|
| bose mu bagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi bafite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye ku ngingo zisuzumwa ku buryo bidashoboka kubifataho ibyemezo, Perezida, cyangwa Visi Perezida, iyo ari we wayoboye inama, ashyikiriza icyo kibazo urwego rureberera RP rukabifataho icyemezo. | members of the Board of Governors have a direct or indirect interest in the items under consideration in such a way that it is impossible to take a decision on the item, the Chairperson or the Vice Chairperson, in case the latter is the one who chaired the meeting, refers the issue to the supervising organ of RP for decision. | ou la majorité des membres du Conseil supérieur de direction ont un intérêt direct ou indirect dans un point à examen de sorte que la prise de décision sur ce point est impossible, le Président ou le Vice-président, au cas où ce dernier est celui qui préside la réunion, soumet cette question à l'organe de tutelle de la RP pour décision. |
| **Ingingo ya 24: Ibigenerwa abagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi bitabiriye inama** | **Article 24: Sitting allowances for members of the Board of Governors** | **Article 24: Jetons de présence pour les membres du Conseil supérieur de direction** |
| Iteka rya Perezida rigena ibigenerwa abagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi bitabiriye inama. | A Presidential Order determines sitting allowances for members of the Boards of Governors. | Un arrêté présidentiel détermine les jetons de présence accordés aux membres du Conseil supérieur de direction. |
| **Ingingo ya 25: Uburyozwe bw'abagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi** | **Article 25: Liability of members of the Board of Directors** | **Article 25: Responsabilité des membres du Conseil supérieur de direction** |
| Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko ahana, abagize Inama Nkuru y'Ubuyobozi ya RP bagize uruhare mu micungire mibi ya RP cyangwa bayiteje igihombo umwe ku giti cye cyangwa bose hamwe baryozwa amakosa bakoze, uretse ugize Inama Nkuru y'Ubuyobozi wagaragaje mu nama ko atemera icyemezo cyafashwe, bikandikwa mu nyandikomvugo y'inama y'uwo munsi. | Without prejudice to the provisions of criminal laws, members of the Board of Directors of RP who are individually or collectively involved in the mismanagement of, or causing loss to RP, are liable for their faults, except for a member of the Board of Directors who during the meeting, expressed a dissenting opinion as to the decision taken with his or her opinion being recorded in the minutes of the meeting concerned. | Sans préjudice des dispositions des lois pénales, les membres du Conseil supérieur de direction de la RP qui sont individuellement ou collectivement impliqués dans la mauvaise gestion de la RP ou lui causent des pertes, sont responsables de leurs fautes, à l'exception d'un membre du Conseil supérieur de direction qui, au cours de la réunion, a émis une opinion dissidente quant à la décision prise, laquelle opinion a été consignée au |

| | | |
|---|---|---|
| | | procès-verbal de la réunion concernée. |
| **<u>Akiciro ka 3</u>: Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Sub section 3</u>: Executive Organ** | **<u>Sous-section 3</u>: Organe exécutif** |
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Abagize Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Article 26</u>: Composition of Executive Organ** | **<u>Article 26</u>: Composition de l'Organe exécutif** |
| Urwego Nshingwabikorwa rwa RP rugizwe n'aba bakurikira: | The Executive Organ of RP comprises the following: | L'Organe exécutif de la RP est composé des membres suivants: |
| (a) Umuyobozi Mukuru; | (a) the Vice Chancellor; | (a) le Vice-chancelier; |
| (b) Abayobozi Bakuru bungirije. | (b) the Deputy Vice Chancellors. | (b) les Vice-chanceliers adjoints. |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Ishyirwaho ry'abagize Urwego Nshingwabikorwa na manda yabo** | **<u>Article 27</u>: Appointment of members of Executive Organ and their term of office** | **<u>Article 27</u>: Nomination des membres de l'Organe exécutif et leur mandat** |
| (1) Iteka rya Perezida rishyiraho abagize Urwego Nshingwabikorwa rwa RP. | (1) A Presidential Order appoints members of the Executive Organ of RP. | (1) Un arrêté présidentiel nomme les membres de l'Organe exécutif de la RP. |
| (2) Abagize Urwego Nshingwabikorwa bagira manda y'imyaka itanu ishobora kongerwa inshuro imwe gusa. | (2) Members of Executive Organ are appointed for a term of five years renewable only once. | (2) Les membres de l'Organe exécutif sont nommés pour un mandat de cinq ans renouvelable une seule fois. |
| (3) Nibura 30% by'abagize Urwego Nshingwabikorwa bagomba kuba ari abagore. | (3) At least 30% of members of the Executive Organ must be female. | (3) Au moins 30% des membres de l'Organe exécutif doivent être de sexe féminin. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Inshingano z'Urwego Nshingwabikorwa** | **<u>Article 28</u>: Responsibilities of the Executive Organ** | **<u>Article 28</u>: Attributions de l'Organe exécutif** |
| Urwego Nshingwabikorwa rufite inshingano zikurikira: | The Executive Organ has the following responsibilities: | L'Organe exécutif a les attributions suivantes: |
| (a) gutegura politiki n'amategeko ngengamikorere bya RP byemezwa n'Inama Nkuru y'Ubuyobozi; | (a) to prepare policies and internal rules and regulations of RP to be approved by the Board of Governors; | (a) préparer les politiques et le règlement d'ordre intérieur de la RP pour approbation par le Conseil supérieur de direction; |
| (b) gukurikirana imiyoborere ya buri munsi ya RP; | (b) to oversee the daily administration of RP; | (b) superviser l'administration quotidienne de la RP; |
| (c) guhuza ibikorwa bya RP; | (c) to coordinate the activities of RP; | (c) coordonner les activités de la RP; |
| (d) gushaka no gucunga abakozi ba RP; | (d) to recruit and manage RP staff; | (d) recruter et gérer le personnel de la RP; |
| (e) gushyiraho ingamba z'imiyoborere n'ubufatanye bwa RP ku rwego rw'Igihugu, urw'akarere no ku rwego mpuzamahanga; | (e) to establish administration and partnership strategies of RP at the national, regional and international levels; | (e) établir les stratégies d'administration et de partenariat de la RP aux niveaux national, régional et international; |
| (f) gushaka abafatanyabikorwa n'ubushobozi bwo guteza imbere RP; | (f) to mobilize partners and resources for the development of RP; | (f) mobiliser des partenaires et des ressources pour le développement de la RP; |
| (g) gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama Nkuru y'Ubuyobozi; | (g) to implement decisions of the Board of Governors; | (g) exécuter les décisions du Conseil supérieur de direction; |
| (h) gutegura igenamigambi ry'igihe kirekire na gahunda y'ibikorwa bya | (h) to prepare the strategic plan and annual action plan to be approved | (h) préparer le plan stratégique et le plan d'action annuel pour |

| | | |
|---|---|---|
| buri mwaka byemezwa n'Inama Nkuru y'Ubuyobozi; | by the Board of Governors; | approbation du Conseil supérieur de direction; |
| (i) gutegura gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari no kubishyikiriza Inama Nkuru y'Ubuyobozi kugira ngo ibyemeze; | (i) to prepare the action plan and the budget and submit them to the Board of Governors for approval; | (i) préparer le plan d'action et le budget et les soumettre au Conseil supérieur de direction pour approbation; |
| (j) gutegura imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya RP no kuyishyikiriza Inama Nkuru y'ubuyobozi kugira ngo iyemeze; | (j) prepare the organizational structure of RP and submit it to the Board of Governors for approval; | (j) préparer le cadre organique de la RP et le soumettre au Conseil supérieur de direction pour approbation; |
| (k) gutegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari no kuyishyikiriza inzego zibishinzwe; | (k) to prepare the draft budget proposal and submit it to concerned organs; | (k) préparer l`avant - projet de budget et le transmettre aux organes concernés; |
| (l) gutegura raporo y'ibikorwa na raporo y'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'umwaka urangiye; | (l) to prepare activity and financial reports of the previous year; | (l) préparer le rapport d'activités et le rapport financier de l'année précédente; |
| (m) gukora indi mirimo yashingwa n'Inama Nkuru y'Ubuyobozi. | (m) to perform any other duties as may be assigned by the Board of Governors. | (m) accomplir d'autres tâches pouvant lui être confiées par le Conseil supérieur de direction. |
| **<u>Akiciro ka 4</u>: Urwego rushinzwe Imyigire n'Imyigishirize** | **<u>Sub section 4</u>: Academic Senate** | **<u>Sous-section 4</u>: Sénat Académique** |
| **<u>Ingingo ya 29</u>: Abagize Urwego rushinzwe Imyigire n'Imyigishirize na manda yabo** | **<u>Article 29</u>: Composition of Academic Senate and their term of office** | **<u>Article 29</u>: Composition du Sénat académique et leur mandat** |
| (1) Urwego rushinzwe Imyigire n'Imyigishirize rwa RP rugizwe n'aba bakurikira: | (1) The Academic Senate of RP comprises the following: | (1) Le Sénat académique est composé des membres suivants: |

| | | |
|---|---|---|
| (a) Umuyobozi Mukuru, ari nawe Perezida; | (a) the Vice Chancellor who is also the Chairperson; | (a) le Vice-chancelier qui en est également le Président; |
| (b) Abayobozi Bakuru bungirije; | (b) the Deputy Vice Chancellors; | (b) les Vice-chancelier adjoints; |
| (c) umuyobozi wa koleji; | (c) the Principal of Colleges; | (c) le Directeur de collèges; |
| (d) umuyobozi wa koleji wungirije; | (d) the Deputy Principal of Colleges; | (d) le Directeur de collèges adjoints ; |
| (e) umuyobozi w'ikigo cy'icyitegererezo; | (e) the Director of a Centre of Excellence; | (e) le Directeur d'un centre d'excellence; |
| (f) Umuyobozi w'ikigo cyigisha kikanakora ubushakashatsi gishamikiye kuri RP; | (f) the Director of an RP-affiliated teaching and research institute; | (f) le Directeur d'un institut d'enseignement et de recherche affilié à la RP; |
| (g) Umuyobozi ufite mu nshingano ireme ry'uburezi n'iterambere ry'imyigishirize n'imyigire muri RP; | (g) the Head in charge of quality education, learning and teaching enhancement in RP; | (g) le Directeur ayant dans ses attributions l`éducation de qualité, l'amelioration de l'apprentissage et de l'enseignement au sein de la RP; |
| (h) ushinzwe iyandikwa ry'abanyeshuri; | (h) the Registrar; | (h) le Registraire; |
| (i) Abayobozi bakuru b'inzego z'imirimo ku cyicaro gikuru; | (i) the Division Managers at Head Office; | (i) les Chefs d'unités au siège; |
| (j) umwarimu uturuka muri buri koleji utorwa na bagenzi be; | (j) one academic staff from each college elected by peers; | (j) un membre du personnel enseignant issu de chaque collège élu par ses pairs; |
| (k) abanyeshuri babiri harimo uw'umugabo n'uw'umugore batorwa na bagenzi babo | (k) two students comprising a male and a female elected by their peers in accordance with the statute | (k) deux étudiants y compris un homme et une femme élus par leurs pairs conformément au statut |

| | | |
|---|---|---|
| hakurikijwe amategeko shingiro y'ihuriro ry'abanyeshuri ba RP. | governing RP Student Union; | régissant l'Union des étudiants de la RP; |
| (2) Umuyobozi Mukuru wungirije ufite mu nshingano imyigire, imyigishirize n' ubushakashatsi ni we Visi Perezida akaba n'umwanditsi naho ushinzwe iyandikwa ry'abanyeshuri akaba umwanditsi wungirije. | (2) The Deputy Vice Chancellor in charge of academics and research is the Vice Chairperson and Rapporteur, while the Registrar is the Deputy Rapporteur; | (2) Le Vice-chancelier adjoint chargé des affaires académiques et de la recherche est le Vice-président et le Rapporteur, tandis que le Registraire en est le Rapporteur adjoint. |
| (3) Uretse abari mu Rwego rushinzwe Imyigire n'Imyigishirize kubera imirimo y'ubuyobozi bashinzwe, abandi bagize Urwego rushinzwe Imyigire n'Imyigishirize batorerwa manda y'imyaka ibiri ishobora kongerwa inshuro imwe. Icyakora, abanyeshuri batorewe guhagararira bagenzi babo muri uru rwego, bagira manda y'umwaka w'amashuri umwe. | (3) Except for ex-officio members of the Academic Senate, other members of the Academic Senate are elected for two-year term of office renewable once. However, students elected to represent their peers in this organ have a term of one academic year. | (3) A l'exception des membres d'office du Sénat académique, les autres membres du Sénat académique sont élus pour un mandat de deux ans, renouvelable une fois. Toutefois, les étudiants élus pour représenter leurs pairs dans cet organe disposent d'un mandat d'une année académique. |
| **<u>Ingingo ya 30</u>: Inshingano n'ububasha by'Urwego rushinzwe Imyigire n'Imyigishirize** | **<u>Article 30</u>: Responsibilities and powers of the Academic Senate** | **<u>Article 30</u>: Attributions et pouvoirs du Sénat académique** |
| (1) Urwego rushinzwe Imyigire n'Imyigishirize rufite inshingano zikurikira: | (1) The responsibilities of the Academic Senate are as follows: | (1) Les attributions du Sénat académique sont les suivantes: |
| (a) kugena imirongo ngenderwaho mu byerekeye kwemerera abanyeshuri kwiga, n'uburyo | (a) to determine guidelines on students' admission, assessment or evaluation; | (a) déterminer les lignes directrices relatives à l'admission et à l'évaluation des étudiants; |

| | | |
|---|---|---|
| bw'isuzumabumenyi cyangwa isuzumabushobozi; | | |
| (b) kwemeza ishyirwaho n'ihindurwa ry'abayobozi b'amashami n'udushami; | (b) to approve the appointment and replacement of Deans of Schools and Heads of Departments; | (b) approuver la nomination et le remplacement des Doyens d'écoles et Chefs de départements; |
| (c) gushaka no guhitamo abarimu, abashakashatsi n'abakozi bunganira mu myigishirize no mu bushakashatsi bagomba guhabwa akazi no kuzamurwa mu ntera no kubishyikiriza Inama Nkuru y'Ubuyobozi kugira ngo ibyemeze; | (c) to recruit and select academic and research staff and academic and research support staff to be appointed and promoted and submit them to the Board of Governors for approval; | (c) recruter et sélectionner le personnel académique et de recherche ainsi que le personnel d'appui académique et de recherche à nommer et à promouvoir et les soumettre au Conseil supérieur de direction pour approbation; |
| (d) gusuzuma no gukurikirana imyigire, imyigishirize, ubushakashatsi n'uburezi; | (d) to evaluate and monitor academic programs, research and education; | (d) évaluer et faire le suivi des programmes académiques, de la recherche et de l'éducation; |
| (e) gufata imyanzuro ku byerekeye umusaruro w'abanyeshuri, kwimurwa, gusibizwa cyangwa kwirukanwa; | (e) to take decisions with regard to students' performance, promotion, repetition or expulsion; | (e) prendre des décisions sur la performance, la promotion, le redoublement ou le renvoi des étudiants; |
| (f) kwemeza abahabwa impamyabumenyi, impamyabushobozi, amashimwe n'ibindi bihembo bitangwa na RP; | (f) to approve candidates for the award of degrees, certificates, merit titles and other awards granted by RP; | (f) approuver les lauréats pour l'obtention des diplômes, des certificats, des titres de mérite et d'autres prix accordés par la RP; |
| (g) kwemeza amategeko agenga imyigire n'imyigishirize; | (g) to approve academic rules; | (g) approuver le règlement académique; |

| | | |
|---|---|---|
| (h) kwemeza umushinga wa porogaramu z'inyigisho n'uburyo bwo kwigisha; | (h) to approve the draft academic programmes and teaching methods; | (h) approuver le projet des programmes académiques et des méthodes d'enseignement; |
| (i) gushyikiriza Inama Nkuru y'Ubuyobozi raporo y'ibikorwa ya buri gihembwe n'iy'umwaka. | (i) to submit the quarterly and annual activity reports to the Board of Governors. | (i) soumettre les rapports d'activités trimestriel et annuel au Conseil supérieur de direction. |
| (2) Urwego rushinzwe Imyigire n'Imyigishirize rufite ububasha ku byerekeye inyigisho, ubushakashatsi n'uburezi. | (2) The Academic Senate has powers related to teaching, research and education. | (2) Le Sénat académique a les pouvoirs en matière d'enseignement, de recherche et d'éducation. |
| **<u>Akiciro ka 5</u>: Komite Nkuru y'Ubuyobozi** | **<u>Sub section 5</u>: Senior Management Committee** | **<u>Sous-section 5</u>: Comité supérieur de direction** |
| **<u>Ingingo ya 31</u>: Abagize Komite Nkuru y'Ubuyobozi** | **<u>Article 31</u>: Composition of the Senior Management Committee** | **<u>Article 31</u>: Composition du Comité supérieur de direction** |
| (1) Komite Nkuru y'Ubuyobozi igizwe n'aba bakurikira: | (1) The Senior Management Committee comprises the following: | (1) Le Comité supérieur de direction est composé des membres suivants: |
| (a) Umuyobozi Mukuru, ari na we Perezida; | (a) the Vice Chancellor who is also the Chairperson; | (a) le Vice-chancelier qui en est également le Président; |
| (b) Abayobozi Bakuru bungirije; | (b) the Deputy Vice Chancellors; | (b) les Vice-chanceliers adjoints; |
| (c) Umuyobozi wa koleji; | (c) the Principals of Colleges; | (c) les Directeurs de collèges; |
| (d) Umuyobozi w'ikigo cyigisha kikanakora ubushakashatsi gishamikiye kuri RP; | (d) the Director of an RP-affiliated teaching and research institute; | (d) le Directeur d'un institut d'enseignement et de recherche affilié à la RP; |

| | | |
|---|---|---|
| (e) Ushinzwe iyandikwa ry'abanyeshuri muri RP; | (e) the Registrar of RP; | (e) le Registraire de la RP; |
| (f) Ushinzwe ubujyanama mu by'amategeko ku cyicaro gikuru; | (f) the Legal Advisor at Head Office; | (f) le Conseiller juridique au siège; |
| (g) Abayobozi bakuru b'inzego z'imirimo ku cyicaro gikuru. | (g) the Division Managers at Head Office. | (g) les Chefs d'unités au siège. |
| (2) Umuyobozi Mukuru wungirije ufite imari n'ubutegetsi mu nshingano ni we Visi Perezida, akaba n'umwanditsi wa komite. | (2) The Deputy Vice Chancellor in charge of finance and administration is also the Deputy Chairperson and serves as the Rapporteur of the Committee. | (2) Le Vice-chancelier adjoint chargé des finances et de l'administration est également Vice-président et Rapporteur du Comité. |
| (3) Amategeko ngengamikorere ashobora kongeraho abandi bagize Komite Nkuru y'Ubuyobozi akanagena umubare ntarengwa w'abayigize. | (3) The internal rules and regulations may provide for additional members of the Senior Management Committee and determine maximum number of its members. | (3) Le règlement d'ordre intérieur peut prévoir d'autres membres du Comité supérieur de direction et déterminer le nombre maximum de ses membres. |
| **<u>Ingingo ya 32</u>: Inshingano n'ububasha bya Komite Nkuru y'Ubuyobozi** | **<u>Article 32</u>: Responsibilities and powers of the Senior Management Committee** | **<u>Article 32</u>: Attributions et pouvoirs du Comité supérieur de direction** |
| (1) Komite Nkuru y'Ubuyobozi ifite inshingano zikurikira: | (1) The Senior Management Committee has the following responsibilities: | (1) Le Comité supérieur de direction a les responsabilités suivantes: |
| (a) gusuzuma no gutanga ibitekerezo ku mbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya RP mbere y'uko Inama | (a) to consider and provide opinions on the draft budget proposal of RP before approval by the Board of | (a) examiner et donner son avis sur l`avant - projet de budget de la RP avant son approbation par le |

| | | |
|---|---|---|
| Nkuru y'Ubuyobozi iyemeza; | Governors; | Conseil supérieur de direction; |
| (b) gusuzuma gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari no kubitangaho ibitekerezo mbere y'uko Inama Nkuru y'Ubuyobozi ibyemeza; | (b) to consider the action plan and the budget and provide views thereon prior to their approval by the Board of Governors; | (b) examiner et donner son avis sur le plan d'action et le budget et donner son avis à ce sujet avant leur approbation par le Conseil supérieur de direction; |
| (c) gusuzuma raporo y'ibikorwa na raporo y'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'umwaka urangiye mbere y'uko zishyikirizwa inzego bireba; | (c) to consider the activity and financial reports of the previous year prior to their submission to the relevant organs; | (c) examiner les rapports d'activité et financier de l'année précédente avant de les soumettre aux organes concernés; |
| (d) gusuzuma no gutanga ibitekerezo ku mushinga w'igenamigambi ry'igihe kirekire na gahunda y'ibikorwa bya buri mwaka mbere y'uko ryemezwa n'Inama Nkuru y'Ubuyobozi; | (d) to consider and provide opinions on the strategic plan proposal and the annual action plan prior to their approval by the Board of Governors; | (d) examiner et donner son avis sur le projet du plan stratégique et le plan d'action annuel avant leur approbation par le Conseil supérieur de direction; |
| (e) gusuzuma no gutanga ibitekerezo kuri politiki n'amategeko ngengamikorere bya RP mbere y'uko byemezwa n'Inama Nkuru y'Ubuyobozi; | (e) to consider and provide opinions on policies and internal rules and regulations of RP prior to their approval by the Board of Governors; | (e) examiner et donner son avis sur les politiques et le règlement intérieur de la RP avant leur approbation par le Conseil supérieur de direction; |
| (f) kwemeza ingamba na gahunda byo kunoza no guteza imbere imibereho y'abakozi n'abanyeshuri ba RP mbere y'uko bishyikirizwa inzego bireba; | (f) to approve various schemes and initiatives with a mandate to enhance the welfare of RP staff and students, prior to their submission to relevant organs; | (f) approuver divers régimes et initiatives visant à améliorer le bien-être du personnel et des étudiants de la RP, avant qu'ils ne soient soumis aux organes concernés; |

| | | |
|---|---|---|
| (g) gusuzuma no gutanga ibitekerezo ku ngamba na gahunda z'ibikorwa bibyarira inyungu RP; | (g) to consider and provide opinions on income generating schemes and initiatives for RP; | (g) examiner et donner son avis sur les régimes et initiatives générateurs de revenus pour la RP; |
| (h) gushyira mu bikorwa izindi nshingano yahabwa n'Inama Nkuru y'Ubuyobozi. | (h) to implement other responsibilities assigned by the Board of Governors. | (h) mettre en œuvre d'autres responsabilités lui confiées par le Conseil supérieur de direction. |
| (2) Komite Nkuru y'Ubuyobozi ifite ububasha bwo gufata ibyemezo mu byerekeye imicungire ya RP. | (2) The Senior Management Committee has powers to take decisions regarding the management of RP. | (2) Le Comité supérieur de direction a le pouvoir de prendre des décisions concernant la gestion de la RP. |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Imikorere y'inzego z'ubuyobozi za RP** | **<u>Section 2</u>: Functioning of management organs of RP** | **<u>Section 2</u>: Fonctionnement des organes de direction de la RP** |
| **<u>Ingingo ya 33</u>: Imikorere y'inzego** | **<u>Article 33</u>: Functioning of organs** | **<u>Article 33</u>: Fonctionnement des organes** |
| Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imikorere y'inzego za RP ziteganywa n'iri tegeko, rikanagena inshingano n'ububasha by'abazigize. | An Order of the Prime Minister determines the functioning of RP organs provided for by this Law, as well as the responsibilities and powers of its members. | Un arrêté du Premier Ministre détermine le fonctionnement des organes de la RP prévus par la présente loi, ainsi que les responsabilités et les pouvoirs de ses membres. |
| **<u>Icyiciro cya 3</u>: Abakozi** | **<u>Section 3</u>: Staff** | **<u>Section 3</u>: Personnel** |
| **<u>Ingingo ya 34</u>: Abakozi ba RP n' uko bashyirwaho** | **<u>Article 34</u>: Staff of RP and its recruitment** | **<u>Article 34</u>: Personnel de la RP et son recruitement** |
| (1) Abakozi ba RP ni aba bakurikira: | (1) The staff of RP is the following: | (1) Le personnel de la RP est le suivant: |
| (a) abarimu n'abashakashatsi; | (a) the academic and research staff; | (a) le personnel académique et de recherche; |

| | | |
|---|---|---|
| (b) abakozi bunganira mu myigishirize n'ubushakashatsi; | (b) the academic and research support staff; | (b) le personnel d'appui académique et à la recherche; |
| (c) n'abakozi bo mu buyobozi. | (c) the administrative staff. | (c) le personnel administratif. |
| (2) Abakozi ba RP bashyirwaho hakurikijwe amategeko abigenga. | (2) The staff of RP is recruited in accordance with relevant legislation. | (2) Le personnel de la RP est recruté conformément à la législation en la matière. |
| **UMUTWE WA IV: KWEMERERWA, UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'UMUNYESHURI** | **CHAPTER IV: STUDENT ADMISSION, RIGHTS AND OBLIGATIONS** | **CHAPITRE IV: ADMISSION, DROITS ET OBLIGATIONS DE L'ÉTUDIANT** |
| **Ingingo ya 35: Umunyeshuri wa RP** | **Article 35: Student of RP** | **Article 35: Étudiant de la RP** |
| Umunyeshuri ni umuntu wemerewe kandi wanditswe kugira ngo akurikirane inyigisho RP itanga mu rwego rwa gahunda zisanzwe cyangwa zihariye. | A student is a person who is admitted and registered to take academic programmes or special courses offered by RP. | Un étudiant est une personne admise et enregistrée pour suivre les programmes académiques ordinaires ou les cours spéciaux que la RP dispense. |
| **Ingingo ya 36: Ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe kwiga** | **Article 36: Requirements for admission** | **Article 36: Conditions d'admission** |
| Amategeko ngengamikorere ya RP agena ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe kwiga muri RP. | Internal rules and procedures of RP determine the requirements for a person to be admitted as a student of RP. | Le règlement intérieur de la RP détermine les conditions d'admission d'un étudiant de la RP. |
| **Ingingo ya 37: Inshingano n'uburenganzira by'umunyeshuri** | **Article 37: Obligations and rights of a student** | **Article 37: Obligations et droits d'un étudiant** |
| Amategeko ngengamikorere ya RP agena inshingano n'uburenganzira by'umunyeshuri. | The rules and procedures of RP determine obligations and rights of a student. | Le règlement d'ordre intérieur de la RP détermine les obligations et les droits d'un étudiant. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA V</u> : UMUTUNGO** | **<u>CHAPTER V</u>: PROPERTY** | **<u>CHAPITRE V</u>: PATRIMOINE** |
| **<u>Ingingo ya 38</u>: Umutungo n'inkomoko yawo** | **<u>Article 38</u>: Property and its sources** | **<u>Article 38</u>: Patrimoine et ses sources** |
| (1) Umutungo wa RP ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa. | (1) The property of RP comprises movable and immovable assets. | (1) Le patrimoine de la RP comprend les biens meubles et immeubles. |
| (2) Umutungo wa RP ukomoka kuri ibi bikurikira: | (2) The property of RP originates from the following sources: | (2) Le patrimoine de la RP provient des sources suivantes: |
| (a) ingengo y'imari igenerwa na Leta; | (a) State budget allocations; | (a) les dotations budgétaires de l'État; |
| (b) inkunga za Leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa; | (b) Government or partners' subsidies; | (b) les subventions de l'État ou des partenaires; |
| (c) ibituruka ku mirimo ikora; | (c) income from the services provided; | (c) les revenus des services fournis; |
| (d) amafaranga aturuka mu bikorwa yashoyemo imari; | (d) income from its investments; | (d) les revenus de ses investissements; |
| (e) inyungu ku mutungo wayo harimo n'umutungo bwite mu by'ubwenge; | (e) interests from its property including intellectual property; | (e) les intérêts de son patrimoine y compris la propriété intellectuelle; |
| (f) inguzanyo zihabwa RP zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano; | (f) loans granted to RP approved by the Minister in charge of finance; | (f) les prêts accordés à la RP approuvés par le ministre ayant les finances dans ses attributions; |
| (g) impano n'indagano. | (g) donations and bequests. | (g) les dons et legs. |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA VI: INGINGO IZIGAMA N'IZISOZA** | **CHAPTER VI: SAVING AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DE SAUVEGARDE ET FINALES** |
| **Ingingo ya 39: Ingingo y'ururimi** | **Article 39: Language provision** | **Article 39: Disposition linguistique** |
| Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. | This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda. | La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda. |
| **Ingingo ya 40: Ingingo izigama ikanavanaho** | **Article 40: Saving and repealing provision** | **Article 40: Disposition de sauvegarde et abrogatoire** |
| Uretse ingingo ya mbere y'Itegeko n° 22/2017 ryo ku wa 30/05/2017 rishyiraho Ishuri Rikuru ry'u Rwanda ry'Imyuga n'Ubumenyingiro rikanagena inshingano, ububasha, imitunganyirize n'imikorere byaryo ku byerekeye ishyirwaho rya RP, izindi ngingo zaryo zivanyweho. | Except Article One of Law n° 22/2017 of 30/05/2017 establishing Rwanda Polytechnic Higher Learning Institution and determining its mission, powers, organisation and functioning, concerning RP establishment, other provisions of the Law are repealed. | À l'exception de l'article premier de la Loi n° 22/2017 du 30/05/2017 portant création de l'Institution d'Enseignement Supérieur Polytechnique du Rwanda et déterminant sa mission, ses pouvoirs, son organisation et son fonctionnement, concernant la création de la RP, les autres dispositions de cette loi sont abrogées. |
| **Ingingo ya 41: Gutangira gukurikizwa** | **Article 41: Entry into force** | **Article 41: Entrée en vigueur** |
| Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

| |
|---|
| Kigali, 07/06/2024<br><br>**(sé)**<br><br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika<br>President of the Republic<br>Président de la République |
| **(sé)**<br><br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe<br>Prime Minister<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kugira ngo bishyirweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Seen to be sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu pour être scellé du Sceau de la République:**<br><br>**(sé)**<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |